# *Uyu Munsi Ibi Byanditswe Birasohoye*

Mukomeze gusa muhagaze, niba mubishaka, mu gihe twunamishije imitwe yacu kugira ngo dusenge.

2 Data mwiza wo mw'Ijuru, turagushimiye iri joro ku bw'ibi, ni andi mahirwe yo kuza gutangaza ubu Butumwa bwiza, butangaje bwa Yesu Kristo. Turagushimira kuko uko Wari uri ejo, n'uyu munsi ni ko Uri, kandi ni ko uzahora iteka ryose. Turagushimira ku bw'aba bantu bateraniye hano muri iki gihe cy'ubukonje, kandi baracyafite ibyo bategereje byinshi, kureba, twizera ko hari ikintu kidasanzwe tuza guhabwa kivuye ku Mana. Tuje dufite icyo cyizere, Mwami, muri buri materaniro. Turagushimira ku bw'imirimo, yo mu ijoro rishize, ku rusengero; Ndagushimira ku bw'umurimo wabereye hano nimugoroba, no ku bw'umurimo w'uyu munsi, mu rusengero. Dutegereje icyo Uza kuduha iri joro.

3 Data, tuzi ko umuntu wese ushobora gukoresha amaboko ye ashobora kurambura asubiza inyuma impapuro za Bibiliya, ariko hari Umwe gusa ushobora gutuma Bibaho kandi bikaba iby'ukuri koko, uwo ni Wowe. Kandi, Data, turashaka ko ubikora muri iri joro. Duhe umugisha muri byose. Imitima yacu yuzure ibyishimo nk'uko tubona ko igihe cyegereje igihe tugiye guhura na We, imbonankubone, Wowe twakunze kandi tukabaho muri iyi myaka yose.

4 Hamaze guhindurwa abantu benshi bashya, Mwami. Numvise ko hari imbaga nini y'abantu, mirongo ine cyangwa mirongo itanu, igomba kubatizwa mu Izina Ryawe, mu gitondo, kuva mu materaniro ya nijoro. Mana, ndakwinginze komeza, turagusabye, kugeza igihe buri Rubyaro rw'Imana rwagenwe mbere y'igihe ruzaba rubonye Umucyo w'Ivanjili, kandi rukagera ku gicaniro.

5 Turagusaba ngo uduhishe muri iri joro inyuma y'Ijambo; uduhuma amaso ngo tutabona ibintu by'isi, maze ureke tubone Yesu. Reka habeho Umusozi wo guhindurirwaho, muri iri joro, ntitugire undi tubona uretse Yesu wenyine. Tubisabye mu Izina Rye, no ku bw'icyubahiro Cye no kwemezwa kw'ubutumwa bwiza Bwe. Amina.

Mushobora kwicara.

6 Ngiye guhindura iyi mikoro, cyangwa iyi meza, ku ruhande gato, niba ari ntacyo bitwaye, kugira ngo mbashe kubona impande zombi z'abari hano. Ndakeka ko nshobora gushyira izi mikorofone hano iburyo. Ni byo, akanya gato.

7 Turabasuhuza, duturutse mu cyumba kinini cy'inama hano muri iri joro, inshuti zacu zo muri Arizona, muri Kaliforuniya, muri Texas, no muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, binyuze ku muyoboro wa telefoni. Ibi—ibi birabera mu gihugu hose, iyi gahunda iri bubere no ku muyoboro wa telefoni, bityo twizeye ko Imana iza kuduhana umugisha.

8 Ese murumva neza, abari i—inyuma y'icyumba cy'amateraniro ibumoso? Yemwe, bagiye gusuzuma imikorere ya telefoni ubungubu, kugira ngo barebe niba ikora neza.

9 Buri wese arishimye iri joro? [Itorero riravuga riti, "Amina."—Ubwanditsi.] Vuga, nta kibazo! Kuri *uru* ruhande? ["Amina."] Amina. Ndishimye cyane kubona mwese mwicaye muguwe neza.

10 None ejo nimugoroba, niba abantu bakomeje kwiyongera, bazaba bashobora gukurikira kuri telefoni. Ni ko biri iri joro. Ntekereza ko bamwe muri bo bari hepfo hariya mu rusengero.

11 Kandi, ejo mu gitondo, amateraniro ntashobora kubera mu rusengero, kuko . . . hazaba hari umucuruzi w'indabo urimo gutunganya urusengero kubera ubukwe bw'ejo nyuma ya saa sita. Kandi bimuriye amateraniro mu gitondo, ku rusengero rwa Mwene Data Ruddell, umwe mu bo dufatanyije, kandi hejuru ku—ku muhanda munini hano, 62. Byatangajwe? [Mwene Data Neville aravuga ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Byatangajwe. Kandi, niba hejuru aho huzuye, Tuzafata abasigaye twohereze undi mupasiteri kwa mwene Data Junior Jackson, i Clarksville. Impamvu twayigiriye kwa Mwene Data Ruddell, ni hafi hano, kandi dushobora . . . kandi twatekereje ko byakoroha kuhabona. Hanyuma tuzabyitaho mu buryo bumwe. Kandi mumenye neza ko ejo tuzamenyesha abantu bose, kandi nizeye ko hari abandi ijana cyangwa maganabiri baziyongera kuri abo bazabatizwa ejo. Noneho ejo nimugoroba . . .

12 Sinkunda gutangaza ikintu icyo ari cyo cyose uvuzeho mbere y'igihe, keretse ijoro rimwe mu materaniro, cyangwa umunsi umwe, Ndashaka kuvuga ku ngingo igira iti: *Uyu Melikisedeki Ni Inde?* Kuko, ni ingingo ntekereza ko turimo kubaho mu gihe aho ibi byahishuwe, muri iki gihe cyose aho habayeho ikibazo kigira kiti: "Uyu Mugabo ni inde?" Kandi nizera ko Imana igomba gusubiza, Uwo yari We. Bamwe baravuze bati: "ni umutambyi," abandi bati, "ni umwami," abandi . . . Ariko hari . . .

13 Igihe cyose iyo hari ikibazo, hagomba kubaho igisubizo cy'icyo kibazo, kandi cy'ukuri. Ntigishobora kuba ikibazo hatabanje kubaho igisubizo.

14 Noneho, twizera ko Imana iza kuduha umugisha muri iri joro mu Ijambo Ryayo, nk'uko twarisomye.

15 Kandi mwagize . . . Billy yambwiye ngo mbabwire ko mwagiranye ubufatanye bwiza n'abaturage ba hano ibyo

byabaye mu mikorere yo guhagarika imodoka, polisi n'ibindi byose. Mubigumane; ni byiza cyane.

16 Twiringiye kubona igihe, wenda mu gihe cya vuba aha, aho wenda twazana ihema hano mu mujyi hanyuma tukarishinga hano hanze mu kibuga cy'umupira, aho twashobora kumara igihe kirekire, wenda mu byumweru bitatu cyangwa bine, ububyutse, buri gihe. Kandi hano turamenyana, hanyuma tugasezeranaho hanyuma tukongera tukagenda. Ariko ndifuza kuza nkongera igihe cyo kuguma hano, igihe kimwe aho dushobora kuguma kugira ngo tudafunga mu ijoro rimwe cyangwa abiri, ariko nkahaguma gusa maze nkigisha, ku manywa na nijoro, ku manywa na nijoro, ngakomeza nkongera ngakomeza. Wenda umuntu yajya mu rugo akagaburira inkoko, agakama inka, hanyuma akagaruka mu cyumweru gikurikira agakomeza umurimo. Nda—ndabikunda. Nuko rero Umwami abane namwe.

17 Noneho, mbere y'uko ngenda, wenda ku Cyumweru mu gitondo cyangwa ku Cyumweru nijoro, cyangwa rimwe muri aya materaniro, Ndabizi ko mwese mutegereje kumva Ubutumwa butangaza Ukuri ku *Ishyingiranwa n'ubutane,* icyo ni kimwe mu bibazo bikomeye by'uyu munsi. Kandi nzi neza ko mpagaze hano, Nizera ko hari igisubizo cy'ukuri mw'Ijambo ry'Imana, kandi nizera ko ari byo nasezeranije kugarukaho.

18 Kandi ndakeka, ntagushidikanya, uko mbizi, ndashaka kugira andi materaniro hano i Jeffersonville, ku Cyumweru cya Pasika, kandi tuza. . .ku bw'amateraniri y'izuba rirashe, hanyuma no ku Cyumweru cya Pasika. Tuzabitangaza mbere y'igihe kandi tugerageze wenda kubona icyumba cy'inama, nibishoboka, cyangwa ahandi hantu, ku Cyumweru, wenda bizaba kuwa Gatandatu no ku Cyumweru. Ngomba kugenda no kugaruka, kuko igihe kiri bugufi. . .Ngomba kubanza kubigenzura nkurikije gahunda mfite, hamwe na zimwe mu—mu—mu ngendo zanjye muri Kaliforuniya. Hanyuma, nyuma y'ibyo, ngomba kujya muri—muri Afurika. Mukomeze muduhamagare kandi mudusengere.

19 Noneho, muri iri joro, ndashaka kubereka igice cy'Ijambo ry'Imana, kiboneka mu gice cya 4 cya Mutagatifu Luka. Igice cya 4 umurongo wa 16, guhera aho, Yesu avuga.

> . . .*Uyu munsi ibi* Byanditswe *bisohoye mu matwi yanyu.*

20 Noneho turashaka gukuramo, muri ibyo, umwanzuro w'ukuntu Ijambo ry'Imana rifite ingufu! Ubu, twese dushobora kumenya mekanike, ariko bisaba Ingufu kugira ngo ikore.

21 Dushobora kumenya mekanike y'imashini, imodoka, ariko hanyuma bisaba ingufu kugira ngo amapine akore kandi agende.

22 Noneho, Yesu yari yasubiye i—i Nazareti, aho yakuriye. Mu Byanditswe Byera hano, dusanga baravuze bati: "Twumvise ko

wakoreye i Kaperinawumu *ibi n'ibi*. Noneho mureke hamwe turebe uko Mwebe mubikora hano mu gihugu cyanyu."

23 Yesu yaravuze ati: "U—umuhanuzi ntabwo yamburwa icyubahiro uretse mu gihugu cye bwite." Kandi, birumvikana ko ari ho wakuriye, kandi ni ho uzwi n'abantu. Kandi ahongaho Yari yarahawe izina ribi, mbere na mbere, kubera ko yavutse adafite se wo mu isi. Bamwitaga "umwana w'ikinyendaro," ko Mariya yari atwite mbere y'uko ashakana na Yozefu ku mugaragaro. Ariko, ibyo si byo, tuzi ko atari byo.

24 Kandi kuri ibi Byanditswe, icyatumye mpanga amaso yanjye kuri ibi, ni ikintu cyabaye vuba aha i Phoenix, muri Arizona. Wari umunsi wa nyuma w'isengesho nagombaga kuvuga mu Materaniro y'Abacuruzi bo mw'Ivugabutumwa Risesuye.

25 Kandi muri iri koraniro hari umushyitsi twari kumwe, wari umwepiskopi w'Umunyagatolika, ari byo—ni "iby'Imihango y'Abakaludaya y'itorero Gatolika ry'Intumwa; uwambere ni Revera John S. Stanley, O.S.D." Ni "umuyobozi mukuru w'idini wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika," muri kiliziya Gatolika. Bishoboka ko *Iyi* ari yo yari ikarita ye na—na aderesi ye.

26 Kandi yari umushyitsi w'Abacuruzi b'Abakristo, kandi nari naramubonyeyo, umunsi ubanziriza uwo. Kandi ubwo navugaga ku wa Gatandatu nijoro, ndizera ko hari, cyangwa ku wa Gatandatu mu gitondo mu ifunguro rya mu gitondo, kandi . . . Ubwo navugaga, yakomeje kunyitegereza. Naratekereje nti: "Uwo mugabo rwose ntiyemeranya n'ibintu byose mvuga." Kandi, murabizi, washoboraga—washoboraga kumubona gusa; akomeza kuzamura umutwe we hejuru akawusubiza hasi ariko sinari nzi icyabimuteraga.

27 Rero ku Cyumweru nyuma ya saa sita, ubwo nahagurukaga ngo mvuge, nari ngiye gufata ubutumwa bwanjye ku bijyanye n'*Ibise byo Kubyara*, aho Yesu yavuze ati: "Nk'uko umugore uri ku nda atwite," ari ku bise byo kubyara. Ubwo rero nagombaga kuvuga mpereye aho, nk'insanganyamatsiko y'*Ibise byo Kubyara,* mvuga ko isi iri mu bubabare bwo kubyara ubu. Ibya kera bigomba kuvaho, kugira ngo havuke bishya; nk'uko imbuto igomba kubora, kugira ngo itange ubuzima bushya.

28 Kandi mbega ukuntu ububabare n'uburibwe byo kubyara byateye isi! Mu Ntambara ya Mbere y'Isi Yose, yagize ububabare bukomeye, kuko bari bafite imyuka y'uburozi, n'ibindi, byashoboraga kurimbura isi. Kandi mu Ntambara ya Kabiri y'Isi Yose, yahuye n'ikindi kibazo gikomeye kurushaho; bari bafite ibisasu bikomeye, ndetse n'igisasu cya kirimbuzi. Ntabwo ashobora kwihanganira ibindi bise byo kubyara. Hamwe n'izi misile n'ibindi muri iki gihe, hari indi ntambara imwe izamujugunya mu kirere, kuko ubu azarokorwa. Kandi hazabaho isi nshya. Bibiliya yavuze ko izabaho.

29 Munsi y'Ubutumwa bwa buri muhanuzi, Isirayeli yagiraga ibise byo kubyara, kubera ko aba bahanuzi bagombaga kuzagaragara nyuma y'uko abahanga mu bya tewolojiya n'abayobozi b'amadini bagira itorero ryose mu buryo bw'umuryango. Kandi ubwo abo bahanuzi bazaga bafite UKU NI KO UWITEKA AVUZE, bahungabanyije insengero zabo, maze agira ibise byo kubyara. Amaherezo, yagize ibise byo kubyara kugeza igihe yabyariye Umwana w'ubutumwa bwiza, ari ryo Jambo ryihinduye umubiri.

30 Rero itorero riri ku bise byo kubyara muri iri joro, nanone, kugira ngo Umwana w'Imana, Umwana w'Imana, agaruke. Abanyatewolojiya bacu bose, gahunda zacu zose, amadini yacu yose, byarangiritse bigwa munsi y'ibirenge byacu. Rero turi ku bise byo kubyara, kandi Ubutumwa buturuka ku Mana buhora butera itorero ububabare bukomeye, ariko nyuma y'igihe gito bugiye kubyara Umugeni. Ibyo bizazana Yesu Kristo ku Mugeni We.

31 Hanyuma, ntekereza ko uyu mugabo atemeranya nanjye cyane. Igihe nahagurukaga ngo mvuge ubu Butumwa, Narambuye Bibiliya yanjye, kugira ngo ngere ku ipaji.

32 Kandi umugore wanjye yari yarampaye Bibiliya nshya, kubwa Noheri. Bibiliya yanjye ishaje ifite imyaka igera kuri cumi n'itanu, kandi hari ikintu cyari kigiye kuyishwanyagura. Amapaji, igihe cyose yabaga afungutse, yahitaga avamo. Kandi, ariko nari nzi aho nakura buri Byanditswe Byera, bityo rero nashoboraga kwigira neza muri iyo Bibiliya. Nuko mfata indi nshya, kuko indi yasaga n'iyashaje cyane pe, kuba wayijyana ku rusengero.

33 Nuko ubwo natangiraga guhindukira muri Mutagatifu Yohani, aho Ibyanditswe byagaragaye, natangiye gusoma igice cya 16, kandi umurongo nashakaga ntawari urimo. Ndatekereza rero nti: "Ntibisanzwe!" Nongeye gusubira inyuma; ariko ntabyari birimo.

34 Kandi mwene Data Jack Moore, uturuka muri Shreveport, Louisiana, inshuti yanjye, yari yicaye ahongaho. Ndavuga nti: "Mwene Data Jack, ese ibyo ntibiboneka muri Mutagatifu Yohani 16?"

Aravuga ati: "Yego."

35 Nuko uyu mupadiri w'Umunyagatolika ahaguruka mu mwanya we, mu bakuru b'amadini bagera ku ijana bari bicaye ku rubyiniro; yaranyegereye, mu makanzu ye yose agera ku birenge n'imisaraba, n'ibindi, maze aranyegera. Nuko aravuga ati "Mwana wanjye, komera. Imana iri hafi kugenda."

Natekereje nti: "Musenyeri w'Umunyagatolika ambwira ibyo?"

Yaravuze ati: "Bisome mu Gitabo cyanjye."

36 Nasomye Ibyanditswe byera mu Gitabo cye, mfata inyandiko yanjye ndakomeza, mvuga ubutumwa bwanjye.

37 Nyuma, ubwo narangizaga, yarahagurutse nyuma y'uko ngiye, maze aravuga ati: "Hari ikintu kimwe kigomba kubaho. Nyuma y'ibyo, itorero rigomba gusohoka mu kajagari ririmo, cyangwa tugomba kuva mu kajagari itorero ririmo." Rero, kimwe cyangwa ikindi.

38 Kandi nari mu nzira nsubira i Tucson, nimugoroba. Abana bari barimo baririra sandiwici, maze ndahagarara kugira ngo mfate sanduwici aho ziri ku meza. Umugore wanjye arambwira ati: "Bill, ntabwo nigeze mpungabana mu buzima bwanjye bwose, kubona uhagaze aho urimo gushakisha muri iyo Bibiliya." Aravuga ati: "Ntibyaguhungabanyije?"

39 Naravuze nti "Oya." Naravuze nti "Nari nzi ko biri ahantu runaka. Gusa urwo rupapuro ntarwari rurimo. Rwaburagamo."

40 Maze aravuga ati: "Gutekereza ko nagushakiye iyo Bibiliya! Byasaga nk'aho amaso yose yari ari kuri njye."

41 Nanjye nti: "Ni byiza, ntiwashoboraga kubimfashamo. Byari ubusobanuro bwa Bibiliya." Naravuze nti: "Ntabwo bigeze bashyiramo urwo rupapuro."

42 Narunamye hasi ndayireba, itunganye rwose; ariko aho igice cya 16 kirangirira, igice cyacyo, igice cyacyo kiri hafi nko kuri santimetero 15 uvuye hasi, no ku gice cya 17 ku rundi ruhande, nacyo ni ko kimeza. Kandi, kubera ko ari Bibiliya nshya, izo mpapuro ebyiri zari zifataye neza, kandi nasomaga mu gice cya 17 aho kuba mu gice cya 16. "Ni byo," Ndavuga nti: "ni byiza cyane. Ni kubw'impamvu runaka."

43 Kandi nk'uko washoboraga kumva ijwi iryo ari ryo ryose, Ijwi ryaje kuri njye, riravuga riti: "Yinjiye i Nazareti, aho yarerewe, yinjira mu isinagogi nk'uko Yari yaramenyereye. Nuko umutambyi amuha Ibyanditswe Byera ngo abisome, maze asoma muri Yesaya 61. Amaze gusoma Ibyanditswe Byera, Yaricaye; asubiza umutambyi Bibiliya, Igitabo, maze aricara. Kandi amaso y'iteraniro ryose yari kuri We. Maze amagambo y'agaciro asohoka mu kanwa ke. Aravuga ati: 'Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.'"

"Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye."

44 Mbega ukuntu ib Bbyanditswe bihebuje! Niba mubishaka mwabisanga muri Yesaya 61: kuva ku murongo wa 1 kugeza kuwa 2, ni ho Umwami wacu yasomaga, Yesaya 61:1 kugeza 2. Ariko ageze hagati mu murongo wa 2 muri Yesaya 61, yarahagaze. Aho havugaga ngo "Umwuka w'Uwiteka ari kuri njye; kugira ngo mvuge umwaka wo kwemererwamo," hanyuma arahagarara. Kubera iki? Igice cya kabiri, cyo kuzana urubanza, nticyarebaga kuza kwe kwa mbere, ahubwo cyarebaga kuza kwe kwa kabiri. Murabona, ntabwo byari bikenewe ahongaho.

Mbega ukuntu Ibyanditswe Byera bitajya bikora ikosa! Buri gihe biba bitunganye. Yesu yahagaze aho Ibyanditswe Byera byahagaze, kuko ibyo ari byo byagombaga kwemezwa mu gihe cye, aho, muri uko kuza kwa mbere. Kuza kwa kabiri azazana urubanza ku isi; ariko ntabwo cyari icyo igihe. Yagombaga “kumenyekanisha umwaka wo kwemererwamo.”

45 Mumenye ko Mesiya ahagaze ku rukuta, kugira ngo yigaragaze nk’Ijambo ry’isezerano ry’icyo gihe. Mbega ukuntu bitangaje, Mesiya ahagaze imbere y’itorero! Kandi murebe aya Magambo y’agaciro, aho Avuga hano ngo: “Kubwiriza umwaka wo kwemererwamo.”

46 “Umwaka wo kwemererwamo,” nk’uko twese tubizi, nk’abasomyi ba Bibiliya, wari “umwaka wa yubile.” Ubwo, abacakara n’imfungwa bose, uko bari bameze, bafatwaga, bugwate; kandi bagombaga gutanga umuhungu, kugira ngo yishyure umwenda; cyangwa umukobwa, kugira ngo yishyure umwenda, [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] kandi bari mu bubata. Uko igihe bari bamaze mu bucakara cyaba kingana kose, cyangwa uko igihe bagombaga kugumayo kingana kose; ubwo umwaka wa yubile wabaga wageraga, ubwo impanda yavuzwaga, buri muntu yashoboraga kwidegembya niba ashaka kwidegembya. [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti.] Wabaga ufite umudendezo. Ntabwo wabaga ukiri imbata.

47 Ariko iyo wifuzaga gukomeza kuba imbata, wagombaga kujyanwa mu rusengero, ugahagarara hafi y’inkingi y’urusengero, maze bagafata akuma gasongoye bakagutobora umwenge ku matwi, ubwo icyo gihe wagomba gukorera uwo sobuja iminsi yose usigaje kubaho.

48 Mbega urugero rwiza rw’Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo! Iyo bubwirijwe, igihe cyo kwemererwamo, n’igihe cya Yubile; umuntu wese, tutitaye ku wo uri we, ibara ryawe, idini ubarizwamo, uburyo wageze kure mu cyaha, cyangwa ikibazo cyawe icyo ari cyo; ushobora kugira umudendezo igihe wumvise impanda y’Ivanjili ivuze. Uba uri mu bwisanzure!

49 Ariko niba uteye umugongo Ubutumwa ukanga kubwumva, menya ko wari waratobowe amatwi, bakoresheje akuma gasongoye. Ibyo bivuze ko warenze umupaka uri hagati y’ubuntu n’urubanza, kandi ntuzongera kumva Ubutumwa bwiza ukundi. Ntuzigera ugera kure. Ugomba kuba imbata y’iyi gahunda urimo, iminsi yawe yose isigaye, niba wanze kumva umwaka wo kwemererwamo.

50 Noneho, ikindi gice cyacyo, nk’uko nabivuze, ntabwo cyari gikeneye gusubizwa, kuko uyu Mesiya ugiye kuza, iki gihe, ari bwo azazana urubanza.

51 None se, abo bantu bashoboraga bate kunanirwa kubona uwo ari we? Ni gute batigeze babibona? Byashoboka bite, kandi

byaramenyekanishijwe mu buryo bweruye bikanerekanwa? Ni gute batashobora kubibona? Mu gihe We . . .

52 Mbega Ijambo! Mubitekerezeho, "Uyu munsi ibi ni byo Byanditswe bili imbere yanyu." Ni nde wabivuze? Imana Ubwayo, ni yo isobanura Ijambo Ryayo. "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye." Mesiya, We ubwe, ahagaze imbere y'itorero arimo gusoma Ijambo muri Bibiliya, rimwerekeyeho We ubwe, hanyuma akavuga ati: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye," ariko ntibababibone.

53 Mbega ibyago byaba ari byinshi, ariko byabayeho. Byabaye kenshi. Byashoboka bite? Birumvikana ko, nk'uko byagenze mu bindi bihe, binyuze mu kwizera ibisobanuro by'abantu ku Ijambo. Ni cyo cyabiteye. Abo bizera bo muri iyo minsi, biyita abizera, yari arimo gufata ibisobanuro by'ibyo umutambyi yari yavuze ku Byanditswe Byera. Bityo rero, Yesu, ntiyari uwo mu rwego rwabo cyangwa mu miryango yabo, Yaciwe mu itsinda ryabo.

54 Bityo rero, ntibashoboraga kumumenya nk'uko bari bameze, kuko yari atandukanye na bo. Ubumuntu bwa Yesu Kristo bwari bwihariye cyane ku buryo nta muntu n'umwe wagombaga kubura kubona ko uwo yari Umwana w'Imana, kuko yari We muntu ukwiye kumenya Ibyanditswe Byera byanditswe kuri We.

55 Uko ni ko Umukristo uwo ari we wese azwi, iyo ubuzima bwe bugaragaza ibintu Umukristo agomba gukora.

56 Ukuntu We yashoboraga guhagarara aho akavuga ati: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye imbere yanyu!" Mbega ukuntu byari bitangaje, byari byoroshye, nyamara abo bantu babyumvaga nabi. Kubera iki? Ni ukubera ko bafashe ibisobanuro by'umuryango umwe w'abatambyi bari bateze amatwi.

57 Kandi amateka ahora yisubiramo. Kandi Ibyanditswe Byera bifite ibisobanuro bivanze kuri byo, n'ihishurirwa rivanze.

58 Urugero, nk'uko bivugwa muri Bibiliya, ngo "Nahamagaye umwana wanjye ngo ave muri Egiputa," yerekeze kuri Yesu. Mwirukire ku nkengero z'aho, muzasanga, nawe yerekeza kuri Yakobo, ari byo Byanditswe bimwe. Yesu yari Umwana We mukuru. Yakobo yari umwana We yahamagariraga kuva mu Misiri, nk'uko amashakiro ya Scofield n'andi mashakiro yose abigaragaza, kuko ari cyo Cyanditswe cyifashishwaga. Rero byari bifite i—ibisubizo bibiri; byari bifite igisubizo kuri Yakobo wahamagawe, no kuri Yesu wahamagawe.

59 Kandi ni ko bimeze uyu munsi! Ni ukubera ko turi mu gihirahiro nk'uko turi, kandi abantu bananirwa kubona Ukuri kw'Imana, kubera ko hari ibisobanuro byinshi by'Ijambo ry'Imana byakozwe n'abantu. Imana ntikeneye ko hagira umuntu usobanura Ijambo Ryayo. Ni umusobanuzi Bwite w'Ibyayo.

60 Imana yaravuze, mu ntangiriro iti: "Reka habeho umucyo," nuko umucyo ubaho. Ibyo ntibikeneye ubusobanuro ubwo ari bwo bwose.

61 Yaravuze ati: "Umwari azasama inda," kandi koko arasama. Ibyo ntibikeneye ubusobanuro ubwo ari bwo bwose.

62 Iyo. . . Ubusobanuro bw'Imana bw'Ijambo Ryayo ni igihe Yo irihamiriza kandi ikerekana ko ari ko rigomba kumera. Ubwo ni bwo busobanuro Bwayo, binyuze mu kubusohoza. Aho ni ho ubusobanuro bw'Imana buri, ni igihe isohoza Ijambo Ryayo. Irarigusobanurira.

63 Nk'aho umucyo utigeze ubaho, maze nuko Iravuga iti: "Hbeho umucyo," nuko ubaho, ibyo ntibikeneye ko hagira umuntu ubisobanura.

64 Ariko turabona imikorere yakozwe n'abantu yabyivanzemo, kandi, iyo ubikoze, u—ubikura mu murongo. Ni ko byahoze buri gihe.

65 Ariko ndacyatekereza ukuntu byari bitangaje. Tekereza kuri Mesiya! Kuki bananiwe kumubona? Ni ukubera ko, abayobozi babo bagombaga kumumenya, bagombaga kuba bazi Ibyanditswe, ibyo byagombaga kuba ari ugusobanukirwa Ibyanditswe Byera, baramusuzuguye uyu Mugabo baravuga bati: "Ni umwana w'ikinyendaro, ni cyo—ni cyo bahereyeho. Ntabwo twabyemera."

66 Nyuma y'imyaka myinshi, ntabwo tubyemera. Twakwemera tugapfa aho kugira ngo tuvuge ko uri Umwana wabyawe n'isugi.

67 Kandi bizagera ubwo iminsi ishira, tubone ibintu Yehova akora uyu munsi, abantu bo mu bihe bizaza, niba bahari, bazapfira ikintu tuvuga uyu munsi. Muzabikora igihe ikimenyetso cy'inyamaswa kizaba kigeze, kandi ntimuuzemerewe kubwiriza Ubutumwa bwiza muri ubu buryo. Ubwo impuzamadini ikomeye izaterana, ubu irimo gutegurwa muri iki gihe ku itorero ry'isi yose, mugomba gushyira ikimenyetso cy'ubuhamya bwanyu hamwe n'ubuzima bwanyu bwite, kuri Ibi.

68 Mugomba kubyemera ubu. Iyo abo batambyi baza guhaguruka, abo bamuciraga urubanza, ntibari kumucira urubanza. "Ariko," muravuga muti: "iyo mba ndiho, nari gukora *ibi n'ibi.*" Rero, icyo nticyari igisekuruza cyanyu. Ariko, iki ni cyo gisekuruza cyanyu, ni cyo gihe.

Uravuga uti: "Ni byiza, niba Yari ari hano!"

69 Bibiliya iravuga iti: "Uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose," ni wawundi, rero Ari hano. Ariko, Ari hano. Nk'uko isi yateye imbere, irushaho kuba nziza, kandi ikigisha byinshi, Ari hano mu ishusho y'Umwuka, uwo badashobora kwica cyangwa ngo bamushyire mu bapfuye. Yapfuye rimwe; Ntashobora kongera gupfa. Byabaye ngombwa

ko yihindura umubiri kugira ngo ku bw'Imana umubiri we wicwe, kubera icyaha. Ariko iki gihe ntishobora gupfa; Ni Umwuka Wera.

70 None se, ni gute watekereza ko bari bafite ibintu bimurwanya! Ikindi kintu ni uko atashoboraga kwinjira mu itsinda ryabo. Hanyuma, murabona, ibyo byakomeje kumugira umuntu mubi. Ntiyashoboraga kwinjira mu—mu mashyirahamwe yabo, ntiyashoboraga kwinjira mu butambyi bwabo, kandi ntiyogombaga kugira aho ahurira nabyo. Hanyuma, uretse ibyo byose, yagerageje gusenya ibyo bari barubatse.

71 Yinjiye mu rusengero. Tumwita Umuntu wicisha bugufi; Yari We, ariko incuro nyinshi twumva nabi icyo kwicisha bugufi ari cyo.

72 Yari Umuntu ugira impuhwe, ariko hari igihe tunanirwa gusobanukirwa icyo kugira impuhwe ari cyo. Ntabwo ari imbabazi za kimuntu, ntabwo ari impuhwe. Ariko, *kugira impuhwe* ni "ugukora ubushake bw'Imana."

73 Yanyuze mu kidendezi cya Betesida, irembo. Hari haryamye abantu benshi cyane. Imbaga y'abantu ntigira umubare uzwi. Ariko hari haryamye imbaga y'abantu: abamugaye, impumyi, ibirema, n'indembe. Kandi yagiriraga abantu impuhwe, buri gihe. Nuko ajya ku muntu umwe utari uwamugaye, impumyi, igicuri, cyangwa indembe; wenda yari afite ikibazo cya prostate, wenda yari afite ubumuga buto bwari bumubangamiye. Yabugize imyaka mirongo itatu n'umunani. Ntabwo bwari kumubangamira, ntabwo bwari kumwica. Yari aryamye mu ngobyi. Aramubaza ati: "Urashaka gukira?"

74 Uwo mugabo aravuga ati: "Nta muntu mfite wo kunshyira mu mazi, ariko iyo ndimo kuza, rero, umuntu aramanuka akantanga imbere." Urabona, yashoboraga kugenda, yashoboraga kubona, yashoboraga kuhegera, ariko gusa yari afite intege nke.

75 Yesu aramubwira ati: "Haguruka. Fata uburiri bwawe maze utahe." Kandi Yesu yibajijwe kuri ibyo, muribuka ko ko Ibyanditswe byabivuzeho.

76 Ntibitangaje! Iyo aza i Jeffersonville muri iri joro agakora igikorwa nk'icyo, bari gukomeza kumuvugaho.

77 Ariko, mwibuke, Yaje gukora ikintu kimwe, ni ubushake bw'Imana. Noneho, ibyo biboneka muri Mutagatifu Yohana 5:19, murahabona igisubizo. Yaravuze ati: "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira ko ari nta cyo Umwana yabasha gukora We ubwe; ahubwo ibyo abona Se akora, ni byo n'Umwana akora."

78 Noneho, bagombaga kumenya ko ibyo ari byo byari ikimenyetso cy'ubuhanuzi bwa Mose, "Kuko Uwiteka Imana yawe izahagurutsa Umuhanuzi umeze nkanjye."

79 Mwabonye ko, igihe yabonaga uwo mugabo, Yaravuze ngo. . . Yesu yari azi ko yari amaze imyaka myinshi muri iyo mibereho. Murabona, kuba yari Umuhanuzi, Yabonye uwo mugabo muri iyo mibereho; maze aramanuka ajyayo arasesera—yaraseseye ashakisha inzira anyuramo muri abo bantu, agenda yihuta mu bantu, kugeza ubwo yabonye uwo mugabo.

80 Yanyuze ku bamugaye, impumyi n'abafite ubumuga bw'ingingo, ariko yari Umuntu wuzuye impuhwe. Ariko, *impuhwe* ni "ugukora ubushake bw'Imana."

81 Noneho, turamubona, nk'uko atashakaga kwifatanya nabo, Ntaho Yari ahuriye n'inzego zabo, icyo gihe yari umuntu w'igicibwa. Nta na kimwe yari guhabwa. . .

82 Usibye ibyo, umunsi umwe Yagiye mu rusengero. Umugabo yinjiyemo asanga inzu y'Imana yaranduye nk'uko bimeze uyu munsi. Barimo bagura, bagurisha, bavunja amafaranga. Nuko abirindura ameza y'amafaranga; afata imikoba, arayiboha, maze akubita abavunjaga amafaranga mu rusengero. Abarebana uburakari, maze aravuga ati: "Handitswe ngo," haleluya, "Inzu ya Data ni inzu yo gusengerwamo; none mwayihindutse umusaka. Namwe, hamwe n'imigenzo yanyu, mwakuyeho amategeko y'Imana nta mpamvu."

83 Ese itsinda nk'iryo ryashoboraga kumwemera? Oya, bwana. Bari barivuruguse cyane mu byondo by'imiryango n'umwanda byo muri icyo gihe, kugeza ubwo bari bakonje cyane mu itorero kugeza ubwo batashoboraga kumva imitingito y'Imbaraga z'Imana Ishoborabyose. Ntibitangaje kuba umugore muto yarashoboye gukora ku gishura Cye maze agakira; kandi umusirikare wasinze yashoboraga kumucira mu maso ntagire icyo yumva! Biterwa n'uko ubyifatamo. Biterwa n'icyo ushaka. Iyo ugiye mu rusengero, biterwa n'icyo ushaka.

84 Noneho turamubona ahagaze aho. Nta gushidikanya ko abantu bari bamaze kumuburira, baramuburiye. . . umutambyi yari yateguje abantu ati: "Noneho azaza hano ku Isabato itaha, kandi, naza, ntimuzamutege amatwi. Noneho, mushobora kujya kwicara hano, ariko ntimwite ku byo Avuga, kuko atari uwo mu itsinda ryacu. Ni ikivume. Nta gakarita k'abasengerwa Afite. Nta n'ubwo Yari afite icyemezo cy'idini. Nta kintu nk'icyo Afite."

"Ese We ni inde?"

85 "Umuhungu w'umugome wavukiye hano hepfo, wavutse mu buryo butemewe n'amategeko, avuka mu rugo rw'umubaji, ngo umubyeyi yamutwite mbere y'uko bashakana, kandi bagerageza guhisha icyo kintu bakoresheje ibintu bidasanzwe.

86 "Tuzi ko, Mesiya naza, azamanuka mu nzira zo mu Ijuru hanyuma ajye kwa wa mutambyi mukuru avuge ati: 'Ndi hano, Kayafa.'" Ariko dusanga atarabikoze muri ubwo buryo, kuko

bitari byanditswe mu Ijambo muri ubwo buryo. Ni umuco wakozwe n'abantu watumye bemera ibyo.

87 Uburyo Ijambo ryari ryaravuze ko Azazamo ni bwo Yajemo. Nuko ahagarara aho, asoma Ijambo, arababwira ati: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye mu maso yanyu." Kandi baracyananirwa kumubona cyangwa kumumenya, nk'uko babikoze mu bindi bihe byose.

88 Nowa yashoboraga kuvuga ikintu nk'icyo, umunsi yinjiraga mu nkuge maze urugi rugakingwa. Mose yashoboraga gufungura iryo dirishya hejuru ku musozo w'inkuge, akareba iteraniro . . . Mwibuke ko Imana yafunze urugi. Kandi yashoboraga kuvuga ati: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye mu maso yanyu," ariko byari byatinze kuri bo icyo gihe. Yari amaze imyaka ijana na makumyabiri abwiriza, kugira ngo agerageze kubashyira muri ubwo bwato yari yubatse, ababwira ko Ibyanditswe bivuga biti: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE, imvura igiye kuzagwa," ariko bategereje igihe kirekire. Ariko Nowa yashoboraga kuvuga ngo: "Uyu munsi, iyi minsi, Ibyanditswe birasohoye."

89 Mose, umunsi umwe Inkingi y'Umuriro yamanukiye ku musozi wa Sinayi ikamuhamiriza n'ubuhamya bwe, Mose yashoboraga kuvuga ati: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye."

90 Mose, murabizi, yari umuntu wahamagariwe Imana, umuhanuzi. Kandi mu gihe yari yarahamagawe, Kubera ko yari umuhanuzi, yagombaga kugira ubunararibonye budasanzwe. Kugira ngo abe umuhanuzi, yagombaga guhura n'Imana imbona nkubone kandi akavugana na Yo. Kandi ikindi kintu, ibyo yavuze byagombaga gusohora, bitari ibyo nta muntu n'umwe wari kumwizera.

91 Nta muntu ufite uburenganzira bwo kwiyita gutyo kugeza igihe azaba avugana n'Imana imbonankubone, inyuma y'ubutayu ahantu runaka, aho yahuriye n'Imana ubwayo. Kandi abahakanyi bose ku isi ntibashoboraga kubisobanura; yari ahari, yari azi ko byabayeho. Buri Mukristo agomba kugira ubwo bunararibonye mbere y'uko agira icyo avuga ku kuba Umukristo. Ubunararibonye bwawe bwite!

92 Navuganye n'umuhungu wa mukuru wanjye, mu gihe gishize, umuhungu muto w'Umunyagatolika, wavugaga ati: "Data wacu Bill, nagiye niruka mva ku ntebe, ngendagenda ahantu hose, ngerageza gushaka ikintu." Ijoro ku rindi, mbere y'uko aya materaniro atangira, yari arimo kurira. Kandi nijoro, yarotaga inzozi z'uko yinjira, yiruka agana ku gicaniro, aho abwiririza, akanatura ko yibeshye.

93 Naravuze nti: "Melvin, aho wagerageza kujya hose, ni amatorero angahe winjiramo, ni 'Ndakuramutsa Mariya' zingahe, cyangwa ni imigisha ingahe ubona iturutse ku bantu,

mugomba kuvuka ubwa kabiri kubw'Umwuka w'Imana. Ni cyo kintu cyonyine kizakora neza mu mutima w'umuntu."

94 Ni ukuvuga ko, nzi ko bafite igisimbura, uyu munsi, cyo kuvuka ubwa kabiri, muhane gusa ibiganza n'umubwiriza kandi mushyire izina ryanyu mu gitabo. Ariko, nshuti zanye, iyo ni yo nyigisho y'ikinyoma. Ntabwo ari Ukuri kwa Bibiliya. Niba ari byo, Ibyakozwe n'Intumwa 2, mu gice cya 2, byagombaga gusomwa gutya: "Umunsi wa Pentekote ugeze, pasiteri yarasohotse ahana ibiganza n'abantu."

95 Ariko yaravuze ati: "Umunsi wa Pentekote ugeze rwose," ubwo Itorero ryatangizwaga, "humvikanye ijwi rimeze nk'iry'umuyaga mwinshi uturutse mu Ijuru, ryuzura inzu yose bari bicayemo." Uko ni ko Umwuka Wera yaje bwa mbere. Uko ni ko yagiye aza buri gihe uhereye icyo gihe. Ni Imana, kandi ntizigera ihinduka. Noneho, Ihamagara abantu.

Baravuga bati: "Ibyo byari iby'ikindi gihe."

96 Ni byiza, uko yari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Igihe cyose Itorero ryakiriye Umwuka Wera, Buri gihe riza nk'uko Ryabigenje mbere, munsi y'inyandiko zimwe, Ibyakozwe n'Intumwa 2:38; ntibizigera bihinduka, ntabwo bizigera bihinduka.

97 Nk'uko muganga yandika imiti y'indwara. Azandika imiti y'indwara z'ibyorezo, ni ko muganga abikora. Kandi ubijyane ku mucuruzi w'imiti idasobanutse, maze agashyiramo umuti mwinshi cyane, biguca intege cyane ku buryo ntacyo byakumarira; nashyiramo uburozi bwinshi cyane, buzakwica. Bigomba kwandikwa nk'uko muganga abivuga.

98 Kandi amabwiriza ya muganga yerekeye uburyo bwo kwakira Umwuka Wera twahawe na Dogiteri Simoni Petero, ku munsi wa Pentekote. "Nzakwandikira imiti. Nimwihane, buri wese muri mwe, kandi mubatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabarirwa ibyaha, kandi namwe muzahabwa impano y'Umwuka Wera. Kuko imiti ni iy'abari kure, ndetse n'iy'abo Umwami Imana yacu azahamagara bose." Umuti w'iteka ryose!

99 Mose yari yahuye n'iki kibazo. Yagiye mu cyaro maze atangira kubwira abantu ati: "Nahuye n'Inkingi y'Umuriro. Yari mu gihuru cyaka umuriro. Nuko Arambwira ati: 'NDI NDIHO. Manuka; nzaba ndi kumwe nawe. Fata inkoni mu ntoki zawe uyirambure hejuru ya Egiputa; icyo usaba cyose, kizakorwa.'"

Yego, birashoboka ko hari umupadiri wavuze ati: "Ubuswa!"

100 Ariko babonye ukuri nyako kw'ibi, fata, kurasohora, ntibashoboraga gukomeza kubitinza. Bari bazi ko yatumwe n'Imana.

101 Hanyuma, niba Mose yaravuze ko yabibonye, kandi akabihamya ko ari Ukuri, Imana ni yo igomba, niba ari

Ukuri, kumenya no kwemeza ijambo ry'uwo mugabo, Ukuri. Ibyo ni ukuri.

102 Niba Yesu Kristo yarahagaze aho agasoma, uwo munsi ati: "Uyu munsi iri Jambo rirasohoye imbere yanyu," Imana ifite inshingano zo gusohoza iryo Jambo.

103 Turahaguruka hano iri joro maze tuvuge, ngo: "Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose." Imana itegetswe kugaragaza ko ari ko biri, kuko ari Ijambo Ryayo. None se, bimaze iki? Bisaba kwizera, mu kubyemera. Bisaba kwizera, mu kwizera Ijambo Rye, ko ari Ukuri.

104 Murebe ibyabaye igihe Mose yasohoraga abana, n'abo bose bamukurikiye. Abataramukurikiye bagumye mu Misiri. Ariko abakurikiye Mose, ubwo bambukaga Inyanja Itukura bakajya mu butayu, Imana yamanukiye ku musozi wa Sinayi. Iyo Nkingi y'Umuriro yatwitse uwo musozi wose, nuko Ijwi rivugiramo, maze Imana itanga amategeko icumi.

105 Mose yashoboraga kuzamuka aho imbere y'abantu, maze akavuga ati: "Uyu munsi Ibyanditswe nababwiye, nk'umuhanuzi Wayo, birasohoye uyu munsi. Nababwiye ko Imana yansanze, hejuru hariya mu gihuru cyaka umuriro, mu Nkingi y'Umuriro, maze Ivuga ibi: 'Nza. . .Iki kizaba ikimenyetso. Uzongera ugarure abantu hano.' Kandi hari Imana, muri iyo Nkingi y'Umuriro nababwiye ko ari ho iri, ihagamye ku musozi. Uyu munsi ubu buhanuzi burasohoye. Hano ni uguhamirizwa ko ibintu navuze ari Ukuri."

106 Imana iduhe abandi bagabo nk'abo, b'indakemwa kandi b'inyangamugayo, bavuga Ukuri, ko Imana Ishobora byose yashobora kwemeza ko Ijambo Ryayo rikiri Ukuri! Ihora uko yari iri ejo, kandi ko ari ko izahora iteka ryose. Kuki Yo itabikora? Yasezeranije kubikora.

107 Yosuwa ashobora kuba yaravuze nk'ibyo, umunsi yagarukaga i Kadeshi-Barineya, aho bari bagenze urugendo rurerure mu butayu. Bari bashidikanyije ku kuba igihugu nk'icyo ari cyo Imana yavuze koko. Ariko Imana yababwiye ko ari igihugu cyiza, cyatembaga amata n'ubuki. Kandi Yosuwa na Kalebu ni bo bonyine babyemeraga, mu bandi icumi basigaye. Bagarutse, bari bafite ikimenyetso; bari bafite ishami ry'imizabibu ryashoboraga kwikorerwa n'abagabo babiri bonyine.

108 Yosuwa na Kalebu bashoboraga guhagarara ahongaho bakavuga bati: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye. Dore ibimenyetso byerekana ko ari igihugu cyiza." Ni byo. Kubera iki? "Hariho ibimenyetso byerekana ko ari igihugu cyiza. Ni hehe wabonye ibintu nk'ibyo, muri Egiputa? Ntaho wabona nk'ibyo. Ariko uyu munsi Ibyanditswe birasohoye."

109 Yashoboraga kuvuga ikintu kimwe, kimwe, igihe yahanuraga kandi yavuze ko inkuta za Yeriko zizaritagurika nyuma yo kuzenguruka inshuro zirindwi, iminsi irindwi, inshuro zirindwi ku munsi. Kandi ubwo bazengurukaga ubwo bwa nyuma, inkuta zaraguye. Yosuwa yashoboraga guhaguruka maze akavuga ati: "Uyu munsi, Kapiteni Mukuru w'ingabo z'Umwami yambwiye hashize hafi ibyumweru ko byari kumera gutya, uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye." Ahongaho hari harambitse inkuta, zituye hasi. "Nimuze tujye kugifata. Ni icyacu. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye."

110 Mbega ukuntu ari byiza cyane, abantu b'Imana bashyigikiye ibintu bikwiye!

111 Abisirayeli, ku ruzi, ubwo bigaruriraga igihugu, barambutse. Bazabigenza bate? Ni mu kwezi kwa Mata. Imyuzure irimo kumanuka kubera ko urubura rurimo gushonga, i Buyuda. Yoo, mbega umutindi w'umujenerali wasaga nk'uko Imana yari iri, kugaragaza ubwoko Bwayo hariya, mu kwezi kwa Mata, igihe Yorodani yari hejuru kuruta uko yahoze. Rimwe na rimwe. . .

112 Nashoboraga guhagarara hano, iyo nza kugira umwanya, kugira ngo mbahe inama ntoya. Hari igihe ushobora kuba wicaye aho urwaye kanseri, cyangwa ushobora kuba ufite indi ndwara; uratekereza uti: "Kuki njyewe, kuba ndi Umukristo, nabaho muri ubu buryo? Kuki nakwicara gutya, niba ndi Umukristo?" Hari igihe Imana ireka ibintu bikijima cyane ku buryo udashobora kubona hejuru, hirya no hino, cyangwa ahandi hantu hose, hanyuma We akaza akagutegurira inzira, kugira ngo uvuge uti: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye, ibyo yasezeranyije kubikora."

113 Yararetse abana b'Abaheburayo banyura mu itanura ry'umuriro. Baravuga bati: "Imana yacu ishobora kudukiza uyu muriro wo mu itanura. Ariko, n'ubwo bimeze bityo, ntabwo tugiye kunamira ishusho yawe." Ubwo basohokaga aho, impumuro y'itanura yari iri kuri bo. . . nta mpumuro y'itanura yari iriho, ahubwo yari iri kuri bo; bashoboraga kuvuga bati: "Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye."

114 Ubwo Daniel yazaga avuye mu rwobo rw'intare, yashoboraga kuvuga ikintu kimwe.

115 Yohana Umubatiza. Nyuma y'imyaka magana ane y'inyigisho z'itorero, ntibitangaje kuba iryo torero ryari riri mu kajagari icyo gihe! Ubwo yagaragaraga mu butayu, Yorodani, yashoboraga guhagarara ahongaho ku nkombe, nk'uko yabigenje, nuko baravuga bati: "Uyu munsi ibi Byanditswe, Yesaya 40, birasohoye."

116 Mbega ukuntu nashoboraga guhagarara hano nkababwira icyo uriya mupadiri w'umusaza yambwiye! Yaravuze ati: "Mwana wanjye, ntabwo wigeze urangiza ubwo Butumwa."

Ndavuga nti: “Komeza.”

Aravuga ati: “Urashaka kuvuga ko abo Bapentekote batabibona?”

Ndavuga nti: “Oya.”

117 Aravuga ati: “Ndabibona.” Kandi umupadiri w’Umunyagatolika, nawe! Yoo mbega. Aravuga ati: “Kuki utakomeje?”

Ndavuga nti: “Komeza.”

Aravuga ati: “Imana ihabwe icyubahiro! Ndabibona.”

118 Kandi muri icyo gihe Umwuka Wera yamanukiye kuri mushiki we, yicaye hariya mu materaniro. Nuko arahaguruka, avuga mu ndimi zitazwi, kandi yatanze ibisobanuro by’icyo kintu njye na padiri twari turimo kuvugaho, ku ruhimbi. Itorero ryose, ahantu hose, hatangiye urusaku. Byakomereje mu nama ya Oral Robert mu cyumweru gishize, cyangwa icyumweru kibanziriza icyo gihe, kandi byari ikiganiro cy’igiterane. Uko uwo mupadiri . . . ari munsi y’Umwuka Wera, yahishuwe binyuze mu mugore, mushiki we ndizera ko ari byo, byaberaga hejuru aho ku ruhimbi, kandi yahishuye icyo kintu twari duhishe.

119 Isaha turimo, uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye. Uyu munsi Umucyo wo ku mugoroba waraje, kandi twananiwe kubibona. Mubyitondere.

120 Yohana yaravuze ati: “Uyu munsi ndi ‘ijwi ry’urangururira mu butayu,’ nk’uko umuhanuzi Yesaya yavuze, ‘Mutegure inzira y’Uwiteka.’”

121 Ntibabyumva. Baravuga bati: “Yoo, uri Yesu . . . uri—uri Kristo,” nyamara.

122 Aravuga ati: “Ntabwo ndi Kristo.” Aravuga ati: “Ntabwo nkwiriye gufungura udushumi tw’inkweto Ze. Ariko,” yaravuze ati: “Ari muri mwe, ahantu runaka,” kuko yari azi neza ko Azaba ahari. Yari kuba ari mu gihe cye, kuko Imana yamubwiye ko yagombaga kwerekana Mesiya.

123 Umunsi umwe umusore yaraje anyura ahongaho, kandi yabonaga ikimeze nk’Umucyo hejuru ye, ikimenyetso. Ararangurura cyane ati: “Dore umwana w’Intama w’Imana! Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye imbere yanyu.” Ni byo.

124 Ku Munsi wa Pentekote, nk’uko Petero yazamutse maze akavuga ku Byanditswe byabo, byo muri Yoweli 2: 38. Ubwo, bose basekaga, abo bantu. Ntibashoboraga kuvuga mu rurimi rwabo bwite. Bari barimo kuvuga ikindi kintu. Bibiliya yarabivuze iti: “Indimi zivanze.” *Cloven* ni ururimi “rutandukanye”, ntacyo ruvuga, ni ukuvuga gusa. Kwiruka hirya no hino nk’itsinda ry’abasinzi!

125 Bose baravuga bati: "Ni byiza, aba bantu basinze. Murareba, nimurebe uko bakora, abo bagore n'abagabo. Barajagaraye," iryo tsinda ry'abanyamadini bo muri icyo gihe.

126 Petero ahaguruka hagati yabo, aravuga ati: "Bagabo bene Data, mwebwe abatuye i Yerusalemu, namwe abatuye i Yudaya, reka bimenyekane ko aba basinze, nk'uko mubitekereza, mubona ko ari isaha ya gatatu y'umunsi. Ariko ibi ni byo byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ngo, 'Bizabaho mu minsi ya nyuma, nzasuka Umwuka wanjye kuri buri wese.' Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye." Nta gushidikanya.

127 Luther yaziye igihe. Wesley yaziye igihe. Pentekote yaziye igihe. Nta kintu na kimwe cyari hanze ya gahunda.

128 Noneho ndabasaba gutekereza ku gisekuruza n'igihe turimo ubu, hamwe n'Ijambo ryasezeranijwe ry'uyu munsi. Iyo mu bindi bihe, abantu bashoboraga kuvuga bati: "uyu munsi ibi Byanditswe," "uyu munsi ibi Byanditswe," none se Ibyanditswe bivuga iki kuri uyu munsi? Ni iki cyasezeranijwe kuri uyu munsi? Duhagaze he? Ni isaha yihe turimo, iyo saha irimo kurenga, isaha ya siyansi, iminota itatu mbere y'uko saa sita z'ijoro zigera? Isi ifite ubwoba bwinshi. Itorero riri mu ndiri z'ubugizi bwa nabi. Nta muntu uzi aho ahagaze. Ni ikihe gihe cy'umunsi? Ni iki ku bijyanye n'Ibyanditswe kuri uyu munsi? Imiterere y'itorero, cyangwa, imiterere y'itorero muri iki gihe!

129 Mu isi, politiki, gahunda yacu y'isi, yarangiritse uko bishoboka kose. Ntabwo ndi umunyapolitiki. Ndi Umukristo. Ariko, ntabwo nshaka kuvuga kuri politiki, ariko ndashaka kuvuga gusa ko yanduye ku mpande zombi.

130 Natoye rimwe gusa, nahisemo Kristo; nagombaga gutsinda. Sekibi yatoye andwanya, maze Kristo arantora; bitewe no gutora kwanjye. Nishimiye ko amajwi nayashyize kuri We; reka ab'isi bavuge icyo bashaka. Nkomeza kwizera ko uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko ari, kandi ko ari ko azahora iteka ryose. Azabigaragaza. Mu by'ukuri azabikora. Mu by'ukuri.

Ubwiyongere bw'ibyaha, imyitwarire mibi mu bana!

131 Murebe igihugu cyacu, cyahoze ari ururabo rw'isi, demokarasi yacu ikomeye yashinzwe hariya mu—mu... mu itangazo ry'ubwigenge, kandi itangazo ry'ubwigenge ryarasinywe, none twahawe demokarasi, na ba sogokuruza bacu bakuru, n'ibyo bakoze, twari dufite ishyanga rikomeye.

132 Ariko ubu ririmo kubora, gusenyuka, guhinda umushyitsi, kandi rigeze mu marembera. Kandi bagerageza gusoresha abantu, kugira ngo babone amafaranga yo kohereza hakurya, kugura ubucuti n'abanzi babo; barimo kubutakaza mu maso yacu. Intambara imwe y'isi yose, intambara ebyiri z'isi yose, kandi baracyakomeza nomero ya gatatu. Nta gushidikanya. Politiki yaraboze, yarangiritse, yaraboze kugeza hasi. Ni byo Matayo 24 yavuze ko bizaba, "Ishyanga rizarwanya irindi

shyanga, ubwami buzaba burwanya ubundi bwami.” Ibi byose byagombaga kubaho. Reka ibi tubitindeho. Ni byo.

133 Reba ikindi, gukataza mu bushakashatsi mu bumenyi. Noneho, rimwe, gusa . . . Sogokuru yagiye kureba nyogokuru, ari mu igare rikururwa n’ikimasa. Ubu ni indege, cyangwa se inzira igana mu kirere, mu isanzure. Ni byiza cyane . . . Ni gute, ni nde wavuze ibi? Daniel 12: 4, yaravuze ati: “Ubumenyi buziyongera mu minsi ya nyuma.” Turabona igihe turimo. Nimwitegereze ubu—uburyo isi ibayeho ubungubu, aho ubumenyi bugeze.

134 Kandi nimurebe nanone, uyu munsi, mu miterere y’uburezi bwacu. Noneho ntimugerageze kubihakana. Mfite uduce tw’ibinyamakuru byigisha imibonano mpuzabitsina mu itorero ryacu . . . mu mashuri yacu, abanyeshuri bakiri bato kugira ngo bakore imibonano mpuzabitsina hagati yabo, kugira ngo barebe niba bashobora gushyingiranwa ku isi. Yego, mugenzi.

135 Bite se mu bupadiri bwacu? Iri joro nabonye inyandiko mu kinyamakuru. Hariya muri Los Angeles, muri Kaliforuniya, aho itsinda ry’abayobozi b’amadini, Ababatisita n’Abaperesibiteriyani, abakozi b’Imana, bazanye itsinda ry’abatinganyi maze bakora imibonano mpuzabitsina, bavuga ko bagerageza kubagarurira ku Mana. Ubwo, uwo ni umwe mu mivumo yo muri icyo gihe, Umusodomu! Kandi amategeko yaranabafunze.

136 None se tugeze he? Imikorere yacu yose yarangiritse iri munsi y’ibirenge byacu. Nabonye ubwiyongere bw’abaryamana bahuje ibitsina muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika bwiyongereyeho makumyabiri cyangwa mirongo itatu ku ijana ugereranyije n’umwaka ushize. Tekereza kuri ibyo, umugabo ubana n’umugabo, nk’uko byagenze i Sodoma.

137 Ubwiyongere bw’ibyaha, imyitwarire mibi ku bana! Turi mu kihe gihe? Uyu munsi iri Jambo ry’ubuhanuzi rirasohoye.

138 Isi y’amadini, itorero ubwaryo, itorero, itorero ryahamagawe, icyo twita itorero ryahamagawe, mu gisekuruza cya nyuma cy’itorero, igisekuruza cy’itorero rya Pentekote, kigeze he? Ni muri Lawodikiya, nk’uko Ibyanditswe bibivuga.

139 Uyu munsi batinda mu tubari. Abagore babo bambaye ubusa. Abagabo babo ni . . . Ni ibintu biteye ubwoba. Bamwe muri bo bashatse inshuro eshatu cyangwa enye, mu nama z’abadiyakoni, n’ibindi byose. Barabiretse, bazana ruswa, kuko bashyizeho amanama kandi bafata umwanya hamwe n’isi.

140 Kandi, uyu munsi, bafite inyubako nziza, batigeze bagira. Hari ahantu hamwe, imwe muri zo irimo kubakwamo icyumba cy’inama cy’abahanzi cya miliyoni mirongo itanu z’amadolari, miliyoni mirongo itanu z’amadolari. Abapentekote! Hari mu myaka makumyabiri n’itanu ishize bari aho hepfo mu mayira, bavuza ingoma. Bavuga bati: “Twebwe . . . ”

141 Kubera ko, Ibyanditswe bivuga, mu Byahishuwe 3, ko uri "'Umukire,' uravuga uti 'Ndi umukire. Ndicara nk'umwamikazi. Nta cyo nkennye.' Nyamara utazi ko uri umutindi, imbabare, umukene, wambaye ubusa, uri impumyi, kandi ntubizi!"

142 Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye mu maso yawe. Amina! *Amin*a bisobanura ngo "ni bibe bityo." Ntabwo niyikiriza ubwanjye, ariko ndashaka kuvuga ko Ari Ukuri. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.

143 Itorero rya Pentekote riri mu bihe bya Laodikiya. Yoo, baracyasimbuka bavuza induru, kandi bagakomeza iyo umuziki urimo gucuranga. Iyo umuziki uhagaze gucuranga, cyangwa umuziki w'abataye umuco bamwe muri bo bacuranga bakawita Ubukristo, kandi igihe cyose ibyo bihagaze, icyubahiro cyose kiba cyashize. Yego.

144 Niba ari uguhimbaza Imana by'ukuri, nta majwi ahagije kandi nta mbaraga zihagije ku isi zo kubihagarika. Iyo biturutse ku Mana koko, ntabwo bisaba umuziki kugira ngo uvuzwe. Bisaba Umwuka w'Imana kugira ngo ubimanukireho. Ni wo ubikora.

145 Kandi bamaze igihe kinini barabyibagiwe, kubera ko bagize impano y'Umwuka Wera, "ibimenyetso bya mbere byo kuvuga mu ndimi." Kandi numvise amadayimoni n'abapfumu bavuga mu ndimi.

146 Umwuka Wera ni Ijambo ry'Imana muri wowe, wigaragaza Ubwawo igihe wakiriye Ijambo. Hanze y'ibyo, ntushobora kuba Umwuka Wera. Niba bavuga ko ari Umwuka Wera, kandi bagahakana Ijambo rimwe muri iyo Bibiliya, ntushobora kuba Umwuka Wera. Ibyo ni byo bimenyetso waba wizera cyangwa utizera.

147 Mwitegereze ikindi kimenyetso gikomeye. Abayuda bari mu gihugu cyabo; ubwoko bwabo bwite, amafaranga yabo bwite, umuyoboke w'Umuryango w'abibumbye. Bafite ingabo zabo bwite. Bafite byose. Bari mu gihugu cyabo; icyo, Yesu yaravuze ati: "Mwigire ku mugani w'igiti cy'umutini." Aho ni ho bari, mu gihugu cyabo. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye, Abayahudi bari mu gihugu cyabo.

148 Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye, mu Gihe cy'Itorero rya Lawodikiya.

149 Uyu munsi ibi Byanditswe, Matayo 24, birasohoye. Isi irimo kwangirika, n'ibindi byose; ishyanga riratera irindi shyanga, imitingito ahantu hatandukanye, inkubi y'umuyaga ikomeye iramanuka, igatigisa amahanga, n'ibindi, ibiza bikomeye hirya no hino. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.

150 Noneho tumenye uko byagenze kw'isi. Tubona aho itorero risanzwe—risanzwe riri, ishyirahamwe, idini, tubona aho biri.

Turabona aho amahanga ari. Kandi tubona ko uyu munsi aya masezerano asohoye.

151 Noneho, ariko muri iki gihe hagiye kuza Urubyaro rw'Umwami rwa Aburahamu ruhebuje. Ibyo ni byo koko byari kuba, byari kuba umugeni w'Umwami ku Mwana w'Umwami, wasezeranyijwe. Nk'uko nabivuze mw'ijoro ryakeye, ntabwo ari urubyaro karemano, ruzaba ari urubyaro rw'umwuka. Hazabaho umugeni wo mu buryo bw'umwuka uzavuka, azaba ari Urubyaro rw'Umwami rw'Ukwizera kwa cyami k'Umwana w'Ubwami bwa Aburahamu. Agomba kuza ku mugaragaro mu minsi y'imperuka, kandi igihe n'aho bizabera ni isezerano yahawe.

152 Dukurikije Malaki 4, Ibyanditswe, Hagiye kuvuka Ubutumwa buzahindura imitima y'abantu bubasubize ku kwizera kw'intumwa. Hazaza umuntu uzagaragara, mu mbaraga za Eliya, uzagaragara; umuntu wo mu butayu uzasesekara, kandi azaba afite Ubutumwa buzongera kugarura neza abantu ku Ijambo. Ni yo saha turimo.

153 Ubwo, noneho nimutekereze, ndababajije muri iki gihe, mwebwe abantu ba hano muri Jeffersonville. Mu 1933, Umucyo udasanzwe wamanukiye hepfo hariya ku ruzi, uwo munsi ubwo nabatizaga abantu magana atanu mu Izina rya Yesu Kristo, nari umusore w'imyaka nka makumyabiri n'itanu. Havuzwe iki, Jeffersonville? Ni iki cyari ahongaho munsi y'umuhanda wa Spring, igihe Ikinyamakuru *Courier Journal*, ndizera ko ari *Louisville Herald*, wahakozeho inkuru? Byageze no muri Associated Press, bigera no muri Kanada. Mu 1933, Dogiteri Lee Vayle yabikase mu kinyamakuru, mu majyaruguru cyane muri Kanada.

154 Ubwo nabatizaga umuntu wanjye wa cumi na karindwi, munsi y'iyi Gihamya; kandi muzi ibisigaye byose. Kandi ubwo nari mpagaze aho, mbatiza ngeze ku muntu wa cumi na karindwi, Umucyo waturutse mu Ijuru, urabagirana hejuru hariya, nk'Inyenyeri imanuka iturutse mu Ijuru. Ijwi ryararanguruye riti: "Nk'uko Yohana Umubatiza yoherejwe kuba integuza ya mbere ya Kristo, Ubutumwa bwawe buzategura ukuza kwa kabiri, kw'isi yose." Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.

155 Uyu munsi! Imana yarabisezeranije. Byagenze bite? Uyu munsi byazengurutse isi yose.

156 Kandi ubwo Imana yamanukaga ikavuga gutyo, nkiri umwana muto, mu gihuru cyakaga, cyangwa igihuru kiri hejuru hariya, kirimo umuriro n'Inkingi y'Umuriro, hano hejuru kwa Wathen kuri Utica Pike; bapakiraga amazi inyuma hariya, uhereye kuri icyo kigega kugera ku rumuri rw'ukwezi, muzi ukuri kwabyo. Yaravuze ati: "Ntuzigere unywa itabi, cyangwa ngo unywe inzoga, cyangwa ngo wanduze umubiri wawe, kuko

hano hari umurimo ugomba gukora nukura." Ndahamya ko ibyo ari Ukuri, ko nabibonye. Kandi Imana, nk'uko yabigenje kuri Mose, yavugiye imbere y'iteraniro ryo hepfo hariya, iti: "Uku ni ko Kuri."

Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye hagati yacu.

157 Reba ibyo yavuze ku burondozi, n'uko bizagenda; kuva ku kubashyirambikaho ibiganza, kugeza ku kumenya ibanga ry'umutima. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye imbere y'amaso yacu.

158 Aya masezerano yatanzwe, muyasobanukirwe, ayo masezerano yose yari yaremejwe kandi asohojwe n'Imana y'isezerano. Mwitegereze, kumanika i Washington, DC, iri joro, ishusho ya Malayika w'Uwiteka!

159 Nk'uko George J. Lacy, umuyobozi wa FBI ushinzwe gukusanya ibikumwe n'inyandiko bya guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Yasuzumwe muri Houston, muri Texas, maze aravuga ati: "Iki ni cyo Kiremwa cyonyine kidasanzwe cyigeze gifotorwa ku isi yose." Agomba kumenya ko; ari we mwiza kurusha abandi bose ku isi.

160 Mumenye ko, hariya hamanitse, nk'uko ari Ukuri, Inkingi y'umuriro yayoboye Abisirayeli kure mu butayu. Irayoboye uyu munsi, mu buryo bumwe bw'Ubutumwa, bwitwa "Gusohoka muri Egiputa!" . . .?. . . Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye. Muzi Ubutumwa Yavuze.

161 Murebe iyerekwa rya Tucson, mu myaka itatu ishize, ubwo nari mpagaze hano ku muhanda. Ubwo, imyaka itanu mbere y'ibyo, Yavugaga ati: "Umunsi umujyi uzamanura igiti imbere y'iryo rembo, muzahindukire mwerekeze mu Burengerazuba." Abo mu rusengero rwanjye bari hano, bazi ko- . . . icyo—icyo gihe. Ari cyo cy'ingenzi.

162 Kandi umunsi Bwana Goynes na bo bari bari haruguru ahongaho, bagaterera icyo giti hasi, Nabwiye umugore nti: "Hariho ikintu kijyanye n'ibi."

Aravuga ati: "Ni igiki?"

Nuko ndinjira maze ndeba mu gatabo kanjye gato. mbisangamo.

163 Nuko mu gitondo cyakurikiyeho, saa yine, nicaye ahongaho, mu cyumba cyanjye hariya, ahagana saa yine, Malayika w'Uwiteka aramanuka. Aravuga ati: "Jya i Tucson. Ugere mu majyaruguru y'uburasirazuba bwa Tucson, kandi hazaza Abamalayika barindwi mu itsinda bazanyeganyeza isi yose igukikije." Nuko aravuga ati: "Uzabibwirirwa ahongaho."

164 Ni bangahe babyibuka, hano, mbere y'uko bibaho? [Itorero rivuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Hano hari abagabo bicaye hano muri iyi nyubako iri joro, bari bahagaze aho igihe byabaga.

165 Nuko aravuga ati: "Ibimenyetso birindwi by'amayobera ahishwe bya Bibiliya yose bizamenwa, no gusohoza Ibyahishuwe 10, ku buryo mu Butumwa bwa Malayika wa karindwi ibyo bintu bigomba gusohora." Uyu munsi ibi Byanditswe bisohoreye imbere y'amaso yacu. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.

166 Umwaka ushize, duhagaze ahantu hamwe, Bwana Wood hano hamwe nanjye, twazamutse umusozi, afite agahinda, kubera ko umugore we yari arwaye, Umwuka Wera urambwira uti: "Tora ibuye rirambitse ahongaho. Riterere mu kirere. Nirimanuka uvuge iti: 'UKU NI KO UWITEKA AVUZE, hazabaho urubanza ruzagwirira isi.' Mubwire ko aza kubona ukuboko kw'Imana mu masaha make ari imbere."

167 Nabibwiye Bwana Wood; ari hano iri joro. Kandi, ndakeka ko, umunani cyangwa icumi muri abo bagabo, cyangwa cumi na batanu, bari bahari icyo gihe ubwo byabaga; mu gitondo cyakurikiyeho, aho Uwiteka yamanukiye mu muyaga w'inkubi y'umuyaga maze agasatura umusozi hafi yacu, nuko agatema imitwe y'ibiti, maze agateza ibisa n'ibiturika bitatu, nuko akavuga ati: "Urubanza rurerekeza ku Nkombe y'Iburengerazuba."

168 Nyuma y'iminsi ibiri, Alaska yari hafi kurigitira munsi y'isi. Kuva icyo gihe, hejuru no hasi y'Inkombe, Imana yakomeje kuhacira rwo mu mwuka. Hariho urusika rw'icyuma, hariho urusika rw'umugano, kandi hariho n'urusika rw'icyaha.

169 Iterambere ryarenganye n'izuba; n'Ubutumwa bwiza ni ko bwagiye. Bwaturukaga mu burasirazuba maze bakagenda mu burengerazuba, nk'uko izuba rirenga. None ubu Buri ku Nkombe y'Iburengerazuba. Nta kindi bushobora gukora uretse; niburamuka bukomeje, buzagaruka iburasirazuba bundi bushya.

170 Umuhanuzi yaravuze ati: "Hazabaho umunsi utazashobora kwitwa amanywa cyangwa ijoro," umunsi uteye ubwoba, imvura nyinshi n'igihu, bihagije kumenya uburyo bwo kwinjira mu itorero cyangwa kwandika izina ryawe mu gitabo. "Ariko hazabaho Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba." Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.

171 Rya—rya z-u-b-a rirasira iburengerazuba ni naryo z-u-b-a rirengera iburengerazuba. Kandi wa M-w-a-n-a w'Imana waje iburasirazuba maze akiyerekana Ubwe nk'Imana ni nawe wigaragaje mu mubiri, ni nawe M-w-a-n-a w'Imana mu gice cy'iburengerazuba hano, ibyo bimenyekane muri iri joro, uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Umucyo w'Umwana w'Imana wa nimugoroba waraje. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye imbere yacu.

172 Turi he muri iki gisekuruza cya Aburahamu? Turi he muri iki gihe gikomeye duhagazemo, isaha ikomeye turimo? Amayerekwa yose yarasohoye.

173 Ibyerekeye umukozi w'Imana muto uri hano bimeze bite, wo mu itorero ridushamikiyeho, Junior Jackson, ijoro rimwe yaje yiruka adusanga, njye ndi hariya hepfo, avuga ati: "Narose inzozi, Mwene Data Branham, zimbuza amahoro. Nabonye abavandimwe bose bateraniye ku musozi." Arakomeza ati: "Kuri uwo musozi, wari urimo kutwigishaga ku byerekeye inzandiko zanditswe, byasaga nk'aho, mu nyuguti zimwe na zimwe z'icyo gihe zari zibajwe mu rutare. Ubirangije, ibyo byose birangiye, waratubwiye, uti: 'Nimuze hafi yanjye,' maze twese turegerana."

174 Aravuga ati: "Wageze ahantu runaka, usa n'aho uri mu gitereko cy'imashini maze upfundura hejuru y'iyi piramide nto. Nuko, igihe byakorwaga," aravuga ati: "ibuye rya granite ridafite inyandiko kuri ryo. Nuko uratubwira ngo 'turirebe.'" Nuko mwese... "Twese dutangira kurireba." Aravuga ati: "Nahindukije umutwe, maze mbona ugiye iburengerazuba, neza warigoye uko ushoboye kose, uherekeza ririmo kurenga." Ni bangahe babyibuka? [Itorero rivuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

175 Nahagaze aho gato kugeza igihe Umwuka Wera abihishuriye. Ndavuga nti: "Bibiliya yose, nk'uko yahishuriwe umuntu, binyuze mu gutsindishirizwa, kwezwa, umubatizo w'Umwuka Wera, umubatizo mu Izina rya Yesu, ndetse n'ibyo bintu byose, bihishuwe; ariko hari amabanga yihishemo imbere, kuko Bibiliya ifunze n'ibimenyetso birindwi. Ngomba kujyamo kugira ngo nyashake."

176 Muri icyo gitondo ubwo abo Bamalayika barindwi bamanukaga bagatwika isi, maze amabuye akaguruka impande zose, Abamalayika barindwi bahagaze aho, baravuga bati: "Garuka i Jeffersonville, aho ukomoka, kuko Ibimenyetso birindwi by'ubwiru burindwi bizafungurwa."

177 Hano turi, uyu munsi, twumva *Urubyaro rw'Inzoka*. Mu minsi mike, Imana nibishaka, tuzasobanukirwa ukuri *k'Ugushyingiranwa n'Ubutane*. Kandi ibi bintu byose Imana yafunguye, buri kimenyetso, amabanga kuva isi yaremwa. Kandi twabaye mu munezero, imbere y'imigisha Ye! Ni ukuri. Uyu munsi, ibi Byanditswe!

178 Ikinyamakuru *Life* cyari cyuzuyemo inkuru yabyo, "Uruziga rw'Umucyo rw'Amayobera ruzamuka mu kirere hejuru ya Tucson na Phoenix," nk'uko nabibabwiye hafi umwaka mbere y'uko bibaho, uko bizaba bimeze, kandi nka mpande eshatu. Ifoto iri mu rusengero hariya hepfo. Mwebwe abafashe icyo kinyamakuru murayifite. Ni ho yari iri, neza neza. Baravuze bati: "Ifite uburebure bwa kilometero 27 n'ubugari bwa kilometero 30." Ntibarasobanukirwa ibyabaye. Yagaragaye mu buryo bw'amayobera maze igenda mu buryo bw'amayobera.

179 Mwene Data Fred Sothmann, Mwene Data Gene Norman hamwe nanjye, duhagaze hariya, abahamya batatu, nko

hejuru y'umusozi: Petero, James, na John, kugira ngo batange ubuhamya, bahagaze aho babireba igihe byabaga, kandi barabibonye biba.

180 Ngikiriya aho kiri, mu kirere; kugeza ubu, nta bukonje, nta butita cyangwa ikintu na kimwe cyatuma habaho igihu. Ni gute byashobora kuza aho? Byari Abamalayika b'Imana basubira inyuma, nyuma y'Ubutumwa bwabo. Uyu munsi ubwo buhanuzi bwasohoreye hagati yacu. Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.

181 Mwitegereze, Ibimenyetso birindwi byarafunguwe. Inkubi y'umuyaga igana ku nkombe y'iburengerazuba. Noneho, ntimucikwe, nk'uko babigenje mbere.

182 Noneho, ibitekerezo byacu, byegereye gato umunsi wacu. Ibyanditswe bivuga iki ku munsi, n'igihe turimo? Yesu aravuga. . . Sinzabona umwanya wo kubivugaho byose, ariko ndashaka kubivugaho mbere y'uko dufunga.

183 Yesu yaravuze, muri Mutagatifu Luka igice cya 17, umurongo wa 30. Yesu Kristo, Jambo Ubwe! Murabyizera? Yesu Kristo, Jambo We Ubwe, yigize umubiri, yaravuze kandi avuga icyo Ijambo rizaba cyo mu gihe cy'imperuka, ni ikihe kimenyetso cy'imperuka y'isi. Yababwiye ko igihugu kizahagurukira ikindi, ariko yaravuze ati: "Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Sodomu, ni ko bizagenda no mu gihe Umwana w'umuntu azahishurwa."

184 Noneho, igihe Yesu yazaga ku isi, Yaje mw'izina ry'Abana batatu: Umwana w'umuntu, ari we muhanuzi; Umwana w'Imana; ndetse n'Umwana wa Dawidi.

185 Noneho, Yari ari hano ku isi. Ntiyigeze avuga ko Yari Umwana w'Imana, Yaravuze ati: "Ndi Umwana w'umuntu." Yehova, We ubwe, yahamagaye Ezekiyeli n'abahanuzi, "mwana w'umuntu," kubera ko, Yagombaga kuza kugira ngo asohoze Ibyanditswe nk'umuhanuzi. Mose yaravuze ati: "Uwiteka Imana yawe azahagurutsa Umuhanuzi umeze nkanjye." Ni nayo mpamvu Atashoboraga kuba Umwana w'Imana hariya, kuko Yari Umwana w'umuntu. We. . . "Ijambo ryaje ku bahanuzi," kandi yari Ijambo mu buryo bwuzuye Bwe, Umwana w'umuntu, u—Umuhanuzi ukomeye, ntabwo ari Umuhanuzi ukomeye, ahubwo ni Imana-Muhanuzi, "Umwuzuro w'Ubumana mu mubiri wari muri We," kubw'ibyo, Yari Umwana w'umuntu.

186 Noneho, nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, Yamenyekanye kuri twe nk'Umwana w'Imana, Umwuka.

187 Kandi mu bwami bw'imyaka igihumbi, Azaba Umwana wa Dawidi, ku Ntebe y'Ubwami. Twese tuzi ko, twizera Ibyanditswe.

188 Noneho, Yesu yaravuze, nyuma y'iki gisekuruza cy'itorero turimo, ati: "Umwana w'umuntu azigaragaza mu buryo nk'ubw'uko yari ameze, nk'uko byari bimeze i Sodomu."

189 Mwitegereze uburyo, mu mateka, Yarabitanze. Yaravuze ati: “Nk’uko byari bimeze mu minsi,” bwa mbere, “ya Nowa, uko baryaga, banywaga, bashyingiranwa, batanga abageni.” Hanyuma Azana, ubukurikiraho, bwa nyuma, ku Mwana w’umuntu, i Sodoma. Kuko, aho Yari arimo gukorana n’Abayahudi; hano, i Sodoma, Arimo gukorana n’Abanyamahanga. Aho ni ho yabarimbuzaga amazi bose, mu rubanza; hano, ku Banyamahanga, yarabatwitse bose mu gihe cya Sodoma. Ni byo koko. Isi y’Abanyamahanga yaratwitswe ahongaho, “kandi ni ko bizagenda ubwo Umwana w’umuntu azahishurwa.” Ntabwo bizongera kuba amazi, ahubwo kuri iyi nshuro bizaba ari umuriro. Yesu yasomye muri Itangiriro 23 aho natwe twasomye, igihe yasomaga ibya Sodoma.

190 Noneho, twemera imibereho ivugwa, imibereho y’isi y’i Sodoma, Abanyasodomu, imibereho y’i Sodoma. Twebwe, buri wese, turaza kuvuga tuti: “amina” kuri ibyo. Turabyizera. Nta kibazo.

191 Kandi imiterere y’umwuka ya Lawodikiya, itorero risanzwe, rizavuga ruti: “amina” kuri ibyo, kandi twemere ibimenyetso byabyo. Turabizi ko buri kimenyetso kiri hariya. Itorero riri muri Lawodikiya. Turabizi.

192 Tuzi ko isi iri muri Sodomu. Ni byo? Turabyemera.

193 Ariko se, ikimenyetso cya Aburahamu, cyari ugutegereje umwana wasezeranyijwe? Icyo cyari ikindi.

194 Mwibuke ko bari bafite Sodoma inyuma aho; bari bafite intumwa yabo. Kandi Aburahamu yari afite Intumwa yoherejwe kuri we.

195 Aburahamu yari ategereje, umunsi ku wundi, ikintu gisa n’ikidashoboka ko cyabaho. “Sara, imyaka mirongo cyenda, na we imyaka ijana.” Ukurikije amasezerano y’Imana, yari ayategereje. Hagati y’ibinengwa byose, yari ategereje uwo mwana.

196 None se umwizera nyakuri aracyategereje ko uwo Mwana wasezeranyijwe agaruka! Mumenye ko, mbere y’uko umwana aza, hari ikimenyetso cyatanzwe. Ese si ikimenyetso cy’Umwana uzaza kigomba guhishurirwa Urubyaro rw’ubwami rwa Aburahamu rutegereje Umwana w’Umwami, nk’uko byari bimeze kuri sogokuruza Aburahamu kubw’umwana usanzwe? Ni byo? Yesu yarabivuze, hano muri Mutagatifu Luka 17: 30 haravuga ngo: “Mbere y’uko iki gihe kigera,” y’uko “Umwana w’umuntu yigaragaza nk’uko Yabikoze mu gihe cya Sodomu, mbere yo kurimbuka kw’i Sodoma.” Ubu turimo gushaka ikimenyetso.

197 Noneho reka dufate imiterere y’ibihe yari iri muri Sodoma. Mwitegereze, bose bagiye muri Sodoma, isi.

198 Ndatekereza ko umwe mu bayobozi ba filime yamanitse ifoto, vuba aha, maze ndayibona, iyo yari, *Sodoma*. Niba warigeze kuyibona akaba nta kindi kintu kiyiriho uretse icyo, yirebe uyitegereze. Ni ishusho nziza ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika uyu munsi, Hollywood, neza neza; ubwoko bumwe bw'imyenda n'ibindi byose bakoze ako kanya; ibisindisha byinshi n'ibindi byose, agatsiko k'abantu b'idini, bitwa ko ari abanyamadini.

199 Mubyitondere, kandi Sodoma yari ifite umuhamya, yari umugabo witwaga Loti, neza yari mwishywa wa—wa Aburahamu.

200 Noneho, Aburahamu ntiyamanutse ngo ajye i Sodoma, we n'itsinda rye. Yari afite itsinda rinini bari kumwe, bihagije kugira ngo barwanye abami bagera kuri cumi na babiri n'ingabo zabo. Rero, yari afite itsinda rinini hamwe na we. Kandi yari yicaye ahongaho munsi y'igiti, umunsi umwe, ubwo ibintu byose byari bimugendekeye nabi; nta n'umwe wari ukimwitayeho, ariko yari agikomeje iryo sezerano.

Mwitegereze neza noneho, mbere y'uko dusoza.

201 Ubwo yari yicaye ahongaho, haje abagabo batatu bamusanga. Babiri muri bo bamanuka i Sodoma maze ababwiriza Ubutumwa bwiza, kugira ngo bagane, kwa Loti. Si byo? Ariko Umwe yagumanye na Aburahamu. Mubyitondere, Uwagumanye na Aburahamu yari Imana Ubwayo. Abandi babiri bari Abamalayika b'intumwa.

202 Noneho, i Sodoma, nta bitangaza bakoze, ahubwo barabakubise babateza kuba impumyi. Kandi kubwiriza Ubutumwa Bwiza buri gihe bibateza kuba impumyi.

203 Noneho nimurebe igishushanyo cy'icyo gihe. Hariho itorero risanzwe. Buri gihe mu butatu, nk'uko nabivuze mw'ijoro ryakeye, Imana irahagarariwe. Hariho ab'i Sodomu, abo kwa Loti, n'abo kwa Aburahamu. Ni kimwe muri iri joro, isi ni uko iteye.

204 Reka mbababaze ikintu. Murebe iyi shusho ubu. Aburahamu yise uyu mugabo wamuvugishaga, "Elohimu." Ijambo ry'Abaheburayo *Elohim* risobanura "Uwihagije muri byose, Umwe uri Uwiteka Uhoraho," Elohimu, Imana Ubwayo!

205 Mu ntangiriro, mu Itangiriro 1, haravuga ngo: "Mu ntangiriro Imana. . . " Fata ijambo ry'Igiheburayo, wenda, cyangwa se ijambo ry'Ikigereki, ahubwo, "Mu ntangiriro *Elohimu* yaremye amajuru n'isi."

206 Hano, We, mw'Itangiriro, nko mu bice 22 hano, Aravuga ngo, cyangwa—cyangwa ahagana kuri 20, Aravuga ati: nuko ahamagara izina ry'uyu mugabo "Elohimu." Kuki yabikoze? Imana, yigaragaje mu mubiri w'umuntu, yicaranye na Aburahamu basangira inyana, banywa n'amata, barya

n'umugati. Imana Ubwayo, maze iragenda iburira imbere ya Aburahamu.

207 Ariko Yamuhaye ikimenyetso. Mwitegereze. Kandi icyo kimenyetso cyari igihe Yahindukiraga ikerekeza umugongo Wayo kw'ihema.

208 Kandi mwibuke, Aburahamu, izina rye ryari *Aburamu* iminsi mike mbere y'ibyo, Sara yari *Sarayi* mbere y'ibyo; S-a-r-a-y-i aba S-a-r-a, naho A-b-u-r-a-m-u aba A-b-u-r-a-h-a-m-u. *Aburahamu* bisobanura "sekuruza w'amahanga."

209 Noneho murebe neza hano, maze turebe igihe turimo uko kimeze ubu, nk'uko Yesu yatubwiye gushaka aho ibintu biherereye. Ibindi byose twarabibonye neza; noneho reka turebe Urubyaro rw'umwami, icyo rugomba kubona.

210 Noneho uyu Mugabo aravuga ati: "Aburahamu, umugore wawe Sara, ari he?"

Aburahamu ati: "Ari mu ihema, inyuma Yawe."

211 Noneho, Ntabwo Yari yarigeze amubona. Ni gute Yamenye ko izina rye ari *Aburahamu?* Ni gute Yamenye ate ko izina rye ari *S-a-r-a?* "Aburahamu, umugore wawe Sara, ari he?"

Undi ati, "Ari mu ihema, inyuma Yawe."

212 Aravuga ati: "Njye. . . " "Njye," insimburazina. "Ngiye kukugenderera nkurikije amasezerano. Umugore wawe agiye kubyara uwo mwana. Waranyizeye, none ngiye kubisohoza."

213 Kandi Sara, mu ihema, inyuma, abanguye amatwi cyangwa ateze amatwi, uko wabyita kose, yumviriza mu ihema, araseka cyane, maze aravuga ati: "Noneho, njyewe, umukecuru nkanjye, ngira ibyishimo n'umutware wanjye; kandi na we, ashaje, afite imyaka ijana? Mu gihe, ibi bitarabayeho mu myaka, mu myaka myinshi cyane."

214 Nuko Umuntu, U-m-u-g-a-b-o, yicaye aho arya, mu mubiri w'umuntu, anywa kandi arya nk'umuntu usanzwe; imyenda Ye ifite umukungugu, kandi yari afite umukungugu ku birenge Bye, maze Aburahamu arawuhanagura uvaho. Imana, Ubwayo, yarebye hirya no hino, maze iravuga iti: "Kuki Sara yasetse, inyuma mu ihema, avuga *ibi?*" Yari azi ko, yashoboraga kumenya ibitekerezo bya Sara mu ihema, inyuma Ye. Si byo?

215 Noneho, ubwo Imbuto y'Ubwami ya Aburahamu yazaga ku isi, ikimenyetso Yerekanye ni ikihe? Umwana w'umuntu. Umunsi umwe Simoni yaje aho Ari; Andereya amuzanye. Aravuga ati: "Witwa Simoni. Uri mwene Yona," Ni ko yavuze. Murebe, ibyo byatumye aba umwizera we.

216 Filipo yagiyeyo maze abona Natanayeli, baragarukana. Aravuga ati: "Ngwino, urebe Umugabo twa—twabonye: Yesu w'i Nazareti, mwene Yozefu."

217 Aravuga ati: "Noneho tegereza gato. Hari ikintu cyiza gishobora kuva muri ubwo bufana?"

Aravuga ati: "Ngwino, wirebere."

218 Igihe Filipo yamanukaga imbere ya Yesu, hamwe na Natanayeli, Yesu aramwitegereza maze aravuga ati: "Dore Umwisiraheli udafite uburyarya."

Aravuga ati: "Rabi, Wigeze umenya ryari?"

219 Aravuga ati: "Mbere y'uko Filipo aguhamagara, igihe wari munsi y'igiti, nakurebaga."

220 Aravuga ati: "Rabi, uri Umwana w'Imana. Uri Umwami wa Isiraheli!"

221 Ubwo umugore muto ku iriba, mu mibereho ye y'ubusambanyi, yazanye, ikintu gito gishamaje nk'iki, kugira ngo avome amazi. Yesu yari yohereje abigishwa be kujya gushaka ibyo kurya. Igihe yamanukaga akajya kuvoma, Yaramubwiye ati: "Nzanira amazi nywe, mugore."

222 Yaravuze ati: "Kuvuga ibyo ntabwo biri mu muco Wawe. Dufite ivangura hano. None rero, mwebwe Abayahudi ntacyo muhuriyeho natwe Abasamariya; natwe nta cyo duhuriyeho namwe."

223 Aravuga ati: "Ariko rero, mugore, iyaba wari uzi uwo urimo kubwira, wowe wari kunsaba amazi yo kunywa. Naguha amazi atuma utazongera kwifuza kugaruka hano."

224 Yamenye aho imibereho ye igeze, uko byari bimeze. Yaravuze ati: "Genda ushake umugabo wawe muze hano."

Aravuga ati: "Nta mugabo mfite."

225 Aravuga ati: "Wavuze ukuri. Wagize batanu, n'uwo mubana ubu nawe ntabwo ari uwawe."

226 Aravuga ati: "Nyakubahwa, ndabona uri Umuhanuzi. Tuzi ko Mesiya naza azakora ibi bintu."

Yesu yaravuze ati: "Ndi We."

227 Kuri ibyo, yirutse mu mujyi hose avuga ati: "Nimuze, murebe Umugabo wambwiye ibyo nakoze. Mbese uyu si we Mesiya?"

228 Reba, Yabikoze mbere y'Abayahudi n'Abazamariya, ariko ntabwo ari imbere y'Abanyamahanga. Abanyamahanga, twebwe abantu, twari abapagani muri iyo minsi, andi mahanga, duhetse inkoni ku mugongo wacu, dusenga ibigirwamana. Nta Mesiya twari dutegereje.

229 Abonekera gusa abamushaka, kandi natwe tugomba kumushaka.

230 Ariko abavugaga ko bamushaka, itorero ubwaryo, babonye ibyo bikorwa, baravuze bati: "Ni idayimoni. Ni umupfumu, ni Belizebuli!"

231 Kandi Yesu yaravuze ati: "Icyo cyaha kizababarirwa," kuko yari atarapfa. "Ariko," ati: "umunsi umwe Umwuka Wera azaza akora ikintu nk'icyo, no kuvuga ijambo rimwe riwurwanya ntabwo bizigera bibabarirwa." Icyo ni cyo gihe tugezemo, aho buri Jambo rigomba guhurizwa hamwe. "Vuga ijambo rimwe riwurwanya; ntabwo rizigera ribabarirwa kuri iyi si cyangwa se isi izaza."

232 Ibyo byari Imbuto y'Ubwami ya Aburahamu. Kandi hano iyo Mbuto y'Ubwami ya Aburahamu, ari yo yaturutse kuri uwo muntu wicaranye aho na Aburahamu, yaje kwerekana ko ari Imana imwe, y'isezerano muri iki gihe, "Nk'uko byari bimeze mu minsi ya Sodoma, ni ko bizaba no mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu, iyo Yihishuye nk'Umwana w'umuntu." Amina. Uyu ni wo munsi ibi Byanditswe bigomba gusohoreraho.

233 Murebe aho turi uyu munsi. Murebe ku itorero aho Umwana w'Imana. . . Murebe umunsi udasanzwe. Murebe ubuhanuzi bwose. Noneho, ikintu kidasanzwe, abashyitsi bacu bagomba kuba bari hafi, niba ahantu hagomba kuba nk'aho i Sodoma.

234 Hari batatu muri bo baje, abagabo batatu b'indashyikirwa boherejwe baturutse mu Ijuru. Tuzabyemera. Batatu muri bo; Umwe yagumye kuri Aburahamu. Bose batangiriye aho, ariko Umwe yagumanye na Aburahamu. Abasigaye bagiye i Sodoma. Si byo? Kandi Aburahamu yari yarahinduriwe izina, ava kuri Aburamu yitwa Aburahamu. Si byo?

235 Nta na rimwe mu mateka, itorero ry'isi, ryigeze rigira umuvugabutumwa urijyamo, ufite izina rirangizwa na hamu, kugeza uyu munsi, ni Billy G-r-a-h-a-m. Ni byo koko? Graham, inyuguti esheshatu. A-b-r-a-h-a-m ni inyuguti zirindwi. Ariko G-r-a-h-a-m ni inyuguti esheshatu, ari na yo isi, umuntu. Murabona?

236 Murebe uko byagenze hariya, uyu munsi, ni izo ntumwa ziturutse mu Ijuru.

237 Ese hari umuntu ku isi wabwirijwe kwihana mu buryo bweruye nka Billy Graham? Ese hari umuntu wagize ingaruka ku bantu, nka Billy Graham? Ntabwo byigeze bibaho, mu buryo mpuzamahanga, umuntu. Yoo, Billy Sunday, n'abandi, yari ari hano muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ariko Billy Graham arazwi ku isi yose. Murabona aho ahamagara? Gusohoka muri Sodoma.

238 Kandi afite itsinda rye riherekeje itorero rya Pentekote, Oral Roberts.

239 Ariko se iby'itsinda ry'Abatoranijwe bimeze bite? Ni ubuhe bwoko bw'ikimenyetso bagomba kubona? Mbese byitwa ko bafite iki? Haleluya! "Hazabaho Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba." Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye. Uyu munsi isezerano ry'Imana rirasohoye. Turabizi ko ari Ukuri. Ari hano muri iri joro nk'uko Yari ameze icyo gihe.

240 Noneho, kugira ngo mbibwirize, ibyo navuze mu gihe gishize, niba hari icyo ubwirije kandi ari Ukuri k'Ubutumwa Bwiza, Imana ni yo igomba kubyemeza. Ese ibyo ni ukuri? Noneho, niba ari byo, mureke Imana yanditse Ijambo, mureke Imana yatanze ubuhanuzi, Imana ari yo Mana y'Ijambo, ize igaragaze ko Ikiri Imana.

241 Nk'uko Eliya yazamutse ku musozi; akitegereza, Elisha yagiye kureba Eliya, aravuga ati: "Ndashaka imigabane ibiri y'umwuka wawe." Nuko umwambaro wari kuri Eliya ugwa kuri Elisa. Yaramanutse, maze akubita igitambaro ku ruzi, nuko aravuga ati "Imana ya Eliya iri he?" Kandi ikintu kimwe cyabaye kuri Eliya, cyabaye no kuri Elisa.

242 Kandi Ubutumwa bwiza bumwe, Imbaraga zimwe, Umwana w'umuntu umwe uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Abaheburayo 13: 8. Murabyizera? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Noneho, ndababaza. Ntabwo nshobora kuba We, ariko Ari hano. Turi amagare gusa.

243 Bamwe muri mwe muri hano, murarwaye kandi murababaye, murabizi ko ntabazi, reka Imana ubu. . .niba nshoboye kwicisha bugufi bihagije. Musenge kandi musabe Imana.

244 Sintekereza ko. . .Nta karita yo gusengera abarwayi iri mu nyubako, hari ihari? Oya, ntabwo. . .Ntabwo twigeze dutanga amakarita y'amasengesho. Tugiye kugira amateraniro y'amasengesho ku. . .cyangwa gukiza abarwayi, ku rusengero. Ariko, musenge.

245 Kandi murabizi ndi umunyamahanga rwose kuri mwe. Murareba, murabizi, Jeffersonville! Sinshaka ko abantu bo muri Jeffersonville babikora. Ndashaka abantu ba kure ya hano. Murebe niba Imana ikigaragaza! Murebe niba uko Yari iri ejo, n'uyu munsi ari ko iri, kandi ari ko izahora iteka ryose!

246 Mukore nk'uko umugore muto yabigenje. Yaranyuzwe, maze umugore aravuga ati: "Ndizera uyu mugabo." Yari afite ikibazo cyo kuva amaraso maze aravuga ati: "Ninshobora gukora ku nshunda z'umwitero We, ndizera ko nza gukira." Ni byo koko?

247 Kubera kwizera kwe, uwo munsi, Ibyanditswe byahise bisohora. "Yapfutse imitima y'abafite imitima ikomeretse, akiza abarwayi n'abamugaye."

248 Amaze gukora ku gishura Cye, yaragiye aricara, Arahindukira ati: "Ni inde wankozeho?" Yabimenye ate, muri iryo tsinda ry'abantu benshi, birashoboka ko bari bakubye inshuro mirongo itatu abari hano muri iri joro, ibihumbi byabyo? Yabimenye ate? Yaravuze ati: "Ni nde wankozeho?" Ntabwo yavuze byo gusa kuko bigomba kuvugwa; Yaravuze ati kuko yari ukuri. Maze Aravuga ati: "Ni nde wankozeho?" Kandi mu buryo butaziguye Abona umugore muto, aho yari ari,

cyangwa ahagaze, uko yari ari kose, yamubwiye ko ikibazo cye cy'amaraso cyarangiye.

249 Uwo yari Yesu ejo. Ni We uyu munsi. Murabyizera?

250 Sinkuzi; Imana irakuzi. Ariko ufite ububabare mu ruhande rwawe, bukubuza amahoro. Ni byo. Wari wicaye hariya urimo kubisengera. Ndi umuntu utazwi kuri wowe, kandi ntabwo tuziranye? Haguruka, niba ari byo. Sinkuzi. Ni *uyu* mugabo uri hano mu mfuruka, uyu musore ukiri muto. Ufite uburwayi bwo mu muhogo. Ni byo. Urimo kubisengera. Uhangayikishijwe n'ikintu runaka. Ugiye kuva mu mu materaniro kuko, uri umukozi w'Imana, ufite amasezerano ugomba kwitaho. Ni byo. Yoo mbega. Wizera ko Imana izi uwo uri we? Revera. Bwana Smith, ubu ushobora kwigendera kandi ukire. Yesu Kristo yagukijije. Komeza ujye mu nama yawe; umuhogo wawe ntuzakubangamira.

Ni inde yakozeho?

251 Hari umugabo wicaye inyuma *hano*; arimo kubabara. Afite ikibyimba mu gihaha cye cy'ibumoso. Ntabwo ari . . . Ntabwo ari uwo muri iki gihugu. Wabaye umukozi wo mu birombe. Ni byo. Ndi umuntu utazwi rwose kuri wowe. Niba ari byo, uzunguze ikiganza cyawe. Ikibyimba kiri mu gihaha cyawe cy'ibumoso, kandi ugiye kubagwa vubaha. Ni byo se? Nturi uw'inaha. Ukomoka hanze y'umujyi. Ukomoka muri Virginia. Ni byo. Wizera ko Imana izi uwo uri we? Bwana Mitchell, ni byo, genda mu rugo kandi umererwe neza. Yesu Kristo aragukijije. Baza umuntu! Sinigeze mubona, mu buzima bwanjye. Yari yicaye aho, arimo gusenga.

Uyu munsi ibi Byanditswe!

252 Hano hari umudamu wicaye inyuma yanjye, nk'uko Sara yari mu ihema. Arasengera umukobwa we. Haguruka. Umukobwa wawe ntari hano; ari kure, umukobwa wawe. Kandi uri nk'uko byari bimeze igihe umugore yazaga kuri Yesu, wari ufite umugore wari urwaye dayimoni mu buryo butandukanye. Umugore ni . . . umukobwa yari yaziritswe n'amadayimoni. Ntabwo ari hano. Akomoka . . . Uri uwo muri Karolina y'Amajyaruguru. Urabyizera? Kandi ibyo ni ukuri, si byo? Madamu Orders, ushobora gutaha. Niba uzizera n'umutima wawe wose, uzabona umukobwa wawe nk'uko yabonetse igihe Yesu Kristo mu minsi yashize, yavugaga ko yakize.

253 Uyu munsi ibi Byanditswe; ikimenyetso cya Sodoma, ikimenyetso cy'Imbuto ikomeye, ikimenyetso cy'itorero ry'umwimerere! Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye hagati yanyu. Murabyizera?

254 Uraza kumwemera nonaha nk'Umukiza wawe n'Umuvuzi wawe? Haguruka, buri wese muri mwe, avuge ati: "Nemeye gukira kwanjye. Ndamwemera nk'Umukiza wanjye. Ndamwemera nk'Umwami wanjye." Buri wese nahaguruke.

Uyu munsi! Mwumve, nshuti.

255 "Yasomye Ibyanditswe Byera, asubiza umutabyi Bibiliya ye, hanyuma," aravuga ati: "amaso y'abantu yaramurebaga. Arabareba, maze aravuga ati: 'Uyu munsi ibi Byanditswe birasohoye.'"

256 Nasomye Ibyanditswe, hamwe n'ibimenyetso icumi cyangwa birenga byerekana ko turi mu minsi y'imperuka, abantu bazabona Yesu Kristo agarutse ku isi. Kandi ndababwira iri joro, nanone, uyu munsi ibi Byanditswe bisohoreye mu maso yanyu.

257 Wowe uri i Tucson, wowe uri muri Kaliforuniya, wowe uri i New York, muri uku guhuza imirongo ya telefoni, uyu munsi ibi Byanditswe bisohoreye mu maso yawe.

258 Nimucyo twishime kandi tunezerwe, kuko ubukwe bw'Umwana w'Intama buri hafi, n'Umugeni We. . . Umugeni We yariteguye Ubwe.

259 Mureke tuzamure ibiganza maze tumuhereze icyubahiro, mwebwe mwese. Imana ibahe umugisha.

65-0219 Uyu Munsi Ibi Byanditswe Birasohoye
Ishuri ryisumbuye rya Parkview
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org